# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup*


## A. *Amategeko/Laws/Lois*

**N°003/2016 ryo ku wa 30/03/2016**
Itegeko rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara.....3
**N°003/2016 of 30/03/2016**
Law establishing and governing maternity leave benefits scheme…………………………..3
**N°003/2016 du 30/03/2016**
Loi portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité………….3

**N°005/2016 ryo ku wa 05/04/2016**
Itegeko rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda.....18
**N°005/2016 of 05/04/2016**
Law governing seeds and plant varieties in Rwanda…………………………………….18
**N°005/2016 du 05/04/2016**
Loi régissant les semences et les variétés végétales au Rwanda…………………………...18

## B. *Iteka rya Minisitiri w'Intebe /Prime Minister's Order /Arrêté du Premier Ministre*

**Nº115/03 ryo ku wa 08/04/2016**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imiterere y'inyandiko ikubiyemo amabwiriza ngengamikorere mu Butegetsi bwa Leta.....55
**Nº115/03 of 08/04/2016**
Prime Minister's Order determining the structure of the manual of administrative procedures in public service………………………………………………………………………55
**Nº115/03 du 08/04/2016**
Arrêté du Premier Ministre déterminant la structure d'un manuel des procédures administratives dans la fonction publique…………………………………………………….55

## C. *Amateka ya Minisitiri/ Ministerial Orders/ Arrêté Ministériel*

**N°24 ryo ku wa 17/03/2016**
Iteka rya Minisitiri rigena ikiguzi cy'ibikorwa byo kwandika umutungo bwite mu by'ubwenge……………………………………………………………………………..70
**N°24 of 17/03/2016**
Ministerial Order determining fees payable for registration services of intellectual property……………………………………………………………………………………70
**N°24 du 17/03/2016**
Arrêté Ministériel portant frais à payer pour les services d'enregistrement de la propriété intellectuelle…………………………………………………………………………………70

**Nº25 ryo ku wa 17/03/2016**
Iteka rya Minisitiri rigena ibihe byateganyijwe mu itangwa ry'uruhushya rutumvikanyweho, uruhushya rugomba gutangwa n'itambamirwa ku iyandikwa mu bijyanye n'umutungo bwite mu by'ubwenge……………………………………………………………………………79

**Nº25 of 17/03/2016**
Ministerial Order determining the timeframe provided for granting of unilateral license, a compulsory license and opposition to registration of intellectual property…………………...79
**Nº25 du 17/03/2016**
Arrêté Ministériel portant délais prévus pour l'octroi d'une licence unilatérale, licence obligatoire et opposition à l'enregistrement de la propriété intellectuelle……………………79

**N°26 ryo ku wa 17/03/2016**
Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'ibikubiye mu nyandiko y'itangabubasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda…………………………………………………………...85
**N°26 of 17/03/2016**
Ministerial Order determining the form and content of power of Attorney for the industrial property......................................................................................................................85
**N°26 du 17/03/2016**
Arrêté Ministériel portant forme et contenu de la procuration en matière de propriété industrielle………………………………………………………………………………85

**ITEGEKO N°003/2016 RYO KU WA 30/03/2016 RISHYIRAHO RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE Y'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Abo iri tegeko rireba**

**ngingo ya 4: Imiyoborere n'imicungire**

**UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA MU BUYOBOZI BW'UBWITEGANYIRIZE**

**Ingingo ya 5: Ukwiyandikisha**

**Ingingo ya 6: Ishingiro ry'umusanzu**

**Ingingo ya 7: Ingano y'umusanzu**

**Ingingo ya 8: Gukusanya imisanzu**

**Ingingo ya 9: Itangwa ry'umusanzu**

**LAW N°003/2016 OF 30/03/2016 ESTABLISHING AND GOVERNING MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS:**

**Article one: Purpose of this Law**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 3: Scope of this Law**

**Article 4: Administration and management**

**CHAPTER II: REGISTRATION WITH THE SOCIAL SECURITY ADMINISTRATION**

**Article 5: Registration**

**Article 6: Base of contributions**

**Article 7: Rate of the contribution**

**Article 8: Collection of contributions**

**Article 9: Remittance of the contribution**

**LOI N°003/2016 DU 30/03/2016 PORTANT CREATION ET ORGANISATION DU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définition des termes**

**Article 3: Champ d'application de la présente loi**

**Article 4: Administration et gestion**

**CHAPITRE II : ENREGISTREMENT AUPRES DE L'ADMINISTRATION DE LA SECURITE SOCIALE**

**Article 5: Enregistrement**

**Article 6: Assiette de cotisations**

**Article 7: Taux de cotisation**

**Article 8: Collecte de cotisations**

**Article 9: Versement des cotisations**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 10: Ibihano byo kudatanga umusanzu ku gihe** | **Article 10: Penalties of non-remittance of the contribution on time** | **Article: Pénalités de non-paiement de la cotisation à temps** |
| **UMUTWE WA III: KWISHYURA IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA** | **CHAPTER III: PAYMENT OF MATERNITY LEAVE BENEFITS** | **CHAPITRE III: PAIEMENT DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE** |
| **Ingingo ya 11: Ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara** | **Article 11: Maternity leave benefits** | **Article 11: Prestations de congé de maternité** |
| **Ingingo ya 12: Kwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara n'igihe bimara** | **Article 12: Payment and duration of maternity leave benefits** | **Article 12: Paiement et durée des prestations de congé de maternité** |
| **Ingingo ya 13: Ibigomba kuba byujujwe n'uhabwa ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara** | **Article 13: Eligibility requirements for maternity leave benefits** | **Article 13: Conditions d'éligibilité aux prestations de congé de maternité** |
| **Ingingo ya 14: Iyishyurwa ry'imisanzu n'imisoro by'umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara** | **Article 14: Payment of taxes and contributions due by the woman on maternity leave** | **Article 14: Paiement des cotisations et taxes dues par la femme en congé de maternité** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 15: Ishoramari** | **Article 15: Investments** | **Article 15: Investissements** |
| **Ingingo ya 16: Icungamutungo, isuzumagaciro ry'ubwishingizi n'ikiguzi cy'imicungire** | **Article 16: Financial management, actuarial valuation of insurance and administration costs** | **Article 16: Gestion financière, évaluation actuarielle de l'assurance et coûts d'administration** |
| **Ingingo ya 17: Isonerwa ry'imisoro** | **Article 17: Tax exemption** | **Article 17: Exemption des taxes** |
| **Ingingo ya 18: Ibyerekeye ubujurire** | **Article 18: Appeal procedures** | **Article 18: Procédures d'appel** |
| **Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 19: Repealing provision** | **Article 19: Disposition abrogatoire** |

**Ingingo ya 20: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 21: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 20: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 21: Commencement**

**Article 20: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 21: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°003/2016 RYO KU WA 30/03/2016 RISHYIRAHO RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE Y'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika**;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 16 Gashyantare 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 18, iya 19, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga arebana n'uburengazira mu by'ubukungu, imibereho no mu by'umuco yo ku wa 19 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko-teka nº 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;

**LAW N°003/2016 OF 30/03/2016 ESTABLISHING AND GOVERNING MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 16 February 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 18, 19, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 19 December 1966 ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;

**LOI N°003/2016 DU 30/03/2016 PORTANT CREATION ET ORGANISATION DU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 16 février 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 18, 19, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Vu le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 19 décembre 1966 ratifié par le Décret-loi nº 8/75 du 12/12/1975;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore yo ku wa 18 Ukuboza 1979 yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 431/16 ryo ku wa 10 Ugushyingo 1980;

Ishingiye ku Masezerano y'Afurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana yo ku wa 11 Nyakanga 1990 yemejwe n'Iteka rya Perezida nº11/01 ryo ku wa 30 Gicurasi 2001;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanuwe mu buryo bukurikira:

1º **umukoresha:** umuntu wese ukoresha umukozi umwe cyangwa benshi ku buryo buhoraho cyangwa budahoraho;

2º **umukozi**: umuntu wese ukora umurimo kandi akawuhemberwa;

Pursuant to the Convention on the Elimination of all Forms of Discrimination against Women of 18 December 1979 ratified by the Presidential Order nº 431/16 of 10 November 1980;

Pursuant to the African Charter on the Rights and Welfare of the Child of 11 July 1990 ratified by the Presidential Order nº 11/01 of 30 May 2001;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS:**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes and governs maternity leave benefits scheme.

**Article 2: Definition of terms**

For the purpose of this Law, the following terms have the following meanings:

1º **employer:** any person that employs one or several employees on either temporary or permanent basis;

2º **employee**: any person who performs any activity in exchange for payment;

Vu la Convention sur l'élimination de toutes les formes de discrimination à l'égard des femmes du 18 décembre 1979 ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 431/16 du 10 novembre 1980;

Vu la Charte africaine sur les droits et le bien-être de l'enfant du 11 juillet 1990 ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 11/01 du 30 mai 2001 ;

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte création et organisation du régime des prestations de congé de maternité.

**Article 2: Définition des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont des significations suivantes:

1º **employeur :** toute personne qui recourt aux services d'un ou de plusieurs employés de façon temporaire ou permanente ;

2º **employé** : toute personne exerçant une activité moyennant rémunération ;

3º **umuntu :** umuntu ku giti cye, urwego cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi;
4º **ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara** : amafaranga yishyurwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara;

5º **Ikigo gishyiraho amabwiriza:** Ikigo gifite mu nshingano zacyo gushyiraho amabwiriza no gukora ubugenzuzi bw'ibyerekeranye n'ubwiteganyirize;

6º **umugore:** umukozi w'igitsinagore wemerewe mu buryo buteganywa n'amategeko gufata ikiruhuko cyo kubyara bitewe n'uko atwite cyangwa yabyaye;

**7º** **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubwiteganyirize mu nshingano ze.

**Ingingo ya 3: Abo iri tegeko rireba**

Iri tegeko rireba aba bakurikira:

1° abakozi bose bagengwa n'itegeko rigenga umurimo mu Rwanda igihe bakora mu Rwanda hatitawe ku bwenegihugu, imiterere y'amasezerano, igihe azamara cyangwa se ingano y'umushahara;

2° abakozi bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'abakozi ba Leta bagengwa na sitati zihariye;

3° abanyapolitiki;

3º **person:** an individual, entity or institution with legal personality;
4º **maternity leave benefits**: payment made to a woman on maternity leave;

5º **Regulator:** institution responsible for the regulation and supervision of the social security industry;

**6º** **woman:** female employee entitled to a maternity leave because she is pregnant or she has given birth;

**7º** **Minister:** Minister in charge of Social Security.

**Article 3: Scope of this Law**

This Law applies to the following persons:

1° all workers governed by the Law regulating labour in Rwanda regardless of nationality, type of contract, duration of the contract or the amount of wages;

2° employees governed by the general statutes for public service and employees governed by special statutes;

3° political appointees;

3º **personne :** individu, entité ou établissement doté de la personnalité juridique ;
4º **prestations de congé de maternité**: prestations pécuniaires payées à une femme en congé de maternité ;

5º **Régulateur:** institution chargée de la réglementation et la supervision du secteur de la sécurité sociale ;

6º **femme:** employée qui a droit à un congé de maternité pour des raisons de grossesse ou d'accouchement ;

**7º** **Ministre :** Ministre ayant la sécurité sociale dans ses attributions.

**Article 3: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi s'applique aux personnes suivantes:

1° tous les employés régis par la loi portant réglementation du travail au Rwanda quels que soient leur nationalité, le type de contrat, la durée du contrat ou le montant de la rémunération;

2° les employés régis par le statut général de la fonction publique et les agents de l'Etat régis par des statuts particuliers ;

3° les mandataires politiques ;

4° abakozi bakora mu miryango mpuzamahanga, imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango mvamahanga itari iya Leta, imiryango ishingiye ku idini na za Ambasade bakorera mu Rwanda bagengwa n'Itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.

Abakozi b'abanyarwanda bakorera ikigo kiri mu Rwanda ariko bakaba baroherejwe ku butaka bw'ikindi gihugu kugira ngo bahakorere imirimo y'icyo kigo, bashobora, babyumvikanyeho n'ikigo bireba cy'icyo gihugu, gukomeza kugengwa n'iri tegeko mu gihe iyo mirimo itarengeje igihe cy'amezi cumi n'abiri (12).

Abakozi b'abanyamahanga bakorera ikigo kiri mu mahanga bakaba baroherejwe ku butaka bw'u Rwanda, kugira ngo bahakorere imirimo y'icyo kigo, babiherewe uburenganzira n'ikigo gifite ubwiteganyirize mu nshingano zacyo bakomeza kugengwa n'amategeko y'ibihugu baturukamo mu gihe iyo mirimo itarengeje igihe cy'amezi cumi n'abiri (12).

Ibivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 bikurikizwa iyo bitanyuranyije n'Amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Imiyoborere n'imicungire**

Ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara buyoborwa kandi bugacungwa n'Ikigo cya Leta gifite ubwiteganyirize mu nshingano zacyo.

4° employees of international organizations, national non-governmental organizations, international non-governmental organizations, religion-based organizations and embassies accredited to Rwanda governed by the Law regulating labour in Rwanda.

Rwandan employees working for an enterprise operating in Rwanda but who have been deployed into another country in order to work for that enterprise may, upon agreement with the relevant institution of that country remain subjected to this Law provided that the period for that work does not exceed twelve (12) months.

Foreign workers who are employed by an enterprise which is located outside Rwanda but transferred to work in Rwanda, may upon authorisation by the public institution in charge of social security, remain subject to the legislative provisions of their country of origin provided that the period set for that work does not exceed twelve (12) months.

Provisions of Paragraphs 2 and 3 apply subject to International Conventions ratified by Rwanda.

**<u>Article 4</u>: Administration and management**

The maternity leave benefits scheme is administered and managed by the public institution in charge of social security.

4° les employés des organisations internationales, des organisations non-gouvernementales nationales, des organisations internationales non-gouvernementales, des organisations religieuses et des ambassades accréditées au Rwanda soumis aux dispositions de la loi portant réglementation du travail au Rwanda.

Les employés rwandais au service d'une entreprise située au Rwanda et qui sont détachés sur le territoire d'un autre pays afin d'y effectuer un travail pour le compte de cette entreprise, peuvent, avec l'accord de l'institution compétente de ce pays, demeurer assujettis à la présente loi, à condition que la durée prévue pour ce travail n'excède pas douze (12) mois.

Les employés étrangers au service d'une entreprise située à l'étranger et qui sont détachés sur le territoire du Rwanda afin d'y effectuer un travail pour le compte de cette entreprise, peuvent avec l'accord de l'institution publique chargée de la sécurité sociale, demeurer assujettis à la législation de leur pays d'origine, à condition que la durée prévue pour ce travail n'excède pas douze (12) mois.

Les dispositions des alinéas 2 et 3 s'appliquent sous réserve des Conventions Internationales ratifiées par le Rwanda.

**<u>Article 4</u>: Administration et gestion**

Le régime d'assurance des prestations de congé de maternité est administré et géré par l'organe public ayant la sécurité sociale dans ses attributions.

Umutungo w'ubwishingizi w'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ucungwa utandukanyijwe n'undi mutungo w'ubwiteganyirize bucungwa n'ikigo cya Leta gifite ubwiteganyirize mu nshingano zacyo.

The property of maternity leave benefits scheme is managed separately from other property managed by the public institution in charge of social security.

Le patrimoine du régime des prestations de congé de maternité fait l'objet d'une gestion financière indépendante de tout autre patrimoine géré par l'organe ayant la sécurité sociale dans ses attributions.

**UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA MU BUYOBOZI BW'UBWITEGANYIRIZE**

**CHAPTER II: REGISTRATION WITH THE SOCIAL SECURITY ADMINISTRATION**

**CHAPITRE II: ENREGISTREMENT AUPRES DE L'ADMINISTRATION DE LA SECURITE SOCIALE**

**Ingingo ya 5: Ukwiyandikisha**

Umukoresha yiyandikisha mu Buyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ikurikira itariki yahereyeho umukozi wa mbere akazi akoresheje inyandiko yabugenewe.

Iyo umukozi uhawe akazi adasanzwe yanditswe mu bwiteganyirize, umukoresha agomba kumwandikisha yuzuza impapuro zabigenewe ashyikiriza Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cy'iminsi irindwi (7) ikurikira umunsi yamuhereyeho akazi.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ibivugwa muri iyi ngingo bikorwa.

**Article 5: Registration**

An employer applies for registration with the Social Security Administration within seven (7) working days following the date of employment of the first employee, using a prescribed form.

In case the employee is not yet registered with Social Security Administration, the employer requests for the registration of his/her employee by filling a prescribed form and submit it to the Social Security Administration within seven (7) days following the employment of the employee.

A Ministerial Order determines modalities of the application of this provision.

**Article 5: Enregistrement**

L'employeur se fait enregistrer sur un formulaire prescrit au sein de l'Administration de la Sécurité Sociale dans les sept (7) jours ouvrables suivant la date d'engagement du premier employé.

Dans le cas où l'employé n'est pas affilié à l'Administration de la Sécurité Sociale, l'employeur est tenu d'établir la demande d'affiliation de cet employé sur un formulaire prescrit à soumettre à l'Administration de la Sécurité Sociale dans sept (7) jours qui suivent la date d'embauchage de cet employé.

Un arrêté ministériel détermine les modalités d'application de la présente disposition.

**Ingingo ya 6: Ishingiro ry'umusanzu**

Umusanzu utangwa n'umukoresha mu Buyobozi bw'Ubwiteganyirize ku bw'iri tegeko ushingiye ku mushahara mbumbe.

**Article 6: Base of contribution**

The contribution made in reference to this Law by the employer to the Social Security Administration is based on the gross salary.

**Article 6: Assiette de cotisation**

La cotisation payée conformément à la présente loi par l'employeur à l'Administration de la Sécurité Sociale est basée sur le salaire brut.

Iteka rya Minisitiri rigena ibikubiye mu mushahara mbumbe ubarirwaho umusanzu.

**Ingingo ya 7: Ingano y'umusanzu**

Umusanzu w'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ni ibice bitandatu ku ijana (0,6%) by'umushahara ubarirwaho umusanzu. Umugabane w'umukoresha kimwe n'uw'umukozi ni ibice bitatu ku ijana (0,3%) by'umushahara ubarirwaho umusanzu kuri buri wese.

Ingano y'umusanzu ishobora guhinduka igihe bibaye ngombwa byemejwe n'itegeko.

**Ingingo ya 8: Gukusanya imisanzu**

Umukoresha ni we ushinzwe gukusanya umusanzu wose ugizwe n'umugabane umukoresha atangira umukozi n'umugabane umukozi agomba gutanga ukurwa ku mushahara we igihe cy'ihemba. Umukoresha ntashobora gufata ku mushahara w'umukozi amafaranga atafashe mu ihemba ryarangiye.

Iyo umukozi afite abakoresha babiri cyangwa benshi, buri mukoresha agomba gukusanya no gutanga imisanzu mu Buyobozi bw'Ubwiteganyirize akurikije umushahara ahemba umukozi.

Umusanzu w'umukoresha awutanga ku giti cye. Amasezerano y'akazi anyuranyije n'ibivugwa muri iyi ngingo nta gaciro agira.

A Ministerial Order determines the components of the gross salary.

**Article 7: Rate of the contribution**

The contribution for maternity leave benefits is equal to zero point six percent (0.6%) of the salary to which the contribution is subscribed. The employer and the employee each contributes zero point three percent (0.3%) of the salary to which the contribution is subscribed.

The rate of the contribution may change if deemed necessary by law.

**Article 8: Collection of contributions**

The employer is responsible for collecting the total contributions made of the employer's contribution and the part to be deducted from the employee's salary during the payment period. The employer cannot deduct any money from the salary of the employee if he/she did not do so during the previous payment.

When a worker has two or more employers, each employer is responsible for collecting and remitting to the Social Security Administration due contributions calculated in proportion to the salary he/she pays to the employee.

The employer pays individually his/her part of contributions. Any employment contract contrary to provisions of this Article is null and void.

Un arrêté ministériel détermine les composants du salaire brut.

**Article 7: Taux de cotisation**

La cotisation pour les prestations de congé de maternité est de zéro point six pour cent (0,6%) du salaire sur lequel la cotisation est souscrite. La cotisation de l'employeur ainsi que celle de l'employé est de zéro point trois pour cent (0,3%) du salaire sur lequel la cotisation est souscrite par chacun.

Le taux de la cotisation peut changer si nécessaire par la voie d'une loi.

**Article 8: Collecte de cotisations**

L'employeur est responsable de la collecte de toutes les cotisations constituées de sa cotisation pour son employé et de celle déduite du salaire de l'employé au cours de la période de paiement. L'employeur ne peut pas déduire du salaire de l'employé le montant qu'il n'aurait pas antérieurement retenu.

Si un employé a deux ou plusieurs employeurs, chacun des employeurs est responsable de la collecte et du versement à l'Administration de la Sécurité Sociale de sa part des cotisations calculées proportionnellement au salaire qu'il paie à l'employé.

L'employeur paie sa part de cotisation à titre individuel. Tout contrat d'emploi contraire aux dispositions du présent article est nul et non avenue.

**Ingingo ya 9: Itangwa ry'umusanzu**

Umukoresha amenyekanisha akanatanga umusanzu yakusanyije buri kwezi mu Buyobozi bw'Ubwiteganyirize bitarenze itariki ya cumi na gatanu (15) z'ukwezi gukurikira ukwishyurirwa umusanzu.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusanzu bikorwa.

**Ingingo ya 10: Ibihano byo kudatanga umusanzu ku gihe**

Umukoresha utakusanyije cyangwa ngo atange umusanzu ku gihe ni we wishyura ibirarane byose, atagize icyo akura ku mushahara w'umukozi.

Umukoresha utamenyekanishije cyangwa utishyuye umusanzu ku gihe, yishyura ibirarane byose hiyongereyeho ibihano by'ubukererwe byo mu rwego rw'ubutegetsi, nta gukomatanya, bingana na rimwe n'ibice bitanu ku ijana (1,5%) y'umusanzu utaramenyekanishijwe na rimwe n'ibice bitanu ku ijana (1,5%) y'umusanzu utarishyuwe.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ibikubiye muri iyi ngingo bikorwa.

**Article 9: Remittance of the contribution**

The employer declares and remits collected contribution to the Social Security Administration not later than fifteenth (15) of every month following the month of contribution.

A Ministerial Order determines modalities of declaration and payment of the contribution.

**Article 10: Penalties for non-remittance of a contribution on time**

An employer who fails to collect or remit a contribution on time pays all the arrears of the contribution without any deductions from the employee's salary.

An employer who fails to declare or to pay contributions on time pays all the arrears including, separately, administrative penalties for late payment, equal to one point five percent (1.5%) of the contribution not declared and one point five percent (1.5%) of the non-paid contribution.

A Ministerial Order determines the application modalities of provisions of this Article.

**Article 9: Versement de cotisation**

L'employeur déclare et verse la cotisation collectée à l'Administration de la Sécurité Sociale au plus tard le quinzième (15) jour de chaque mois qui suit le mois de la cotisation.

Un arrêté ministériel détermine les modalités de déclaration et de paiement de cotisation.

**Article 10: Pénalités pour non-paiement de la cotisation à temps**

L'employeur qui ne collecte ou ne verse pas la cotisation à temps est tenu de payer des arriérés de cotisations sans aucune déduction au salaire de l'employé.

L'employeur qui ne déclare pas ou ne verse la cotisation à temps est tenu au paiement des arriérés de cotisations majorées et séparées de pénalités de retard d'ordre administratif d'un point cinq pour cent (1,5%) de la cotisation non déclarée et un point cinq pour cent (1,5%) de la cotisation impayée.

Un arrêté ministériel détermine les modalités d'application des dispositions du présent article.

**<u>UMUTWE WA III</u>: KWISHYURA IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA**

**<u>Ingingo ya 11</u>: Ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara**

Ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara bingana n'umushahara we wa nyuma watanzweho umusanzu.

Kwishyura amafaranga y'ikiruhuko cyo kubyara bitangirana n'icyumweru cya karindwi cy'ikiruhuko cyo kubyara.

Mu gihe umugore wabyaye apfuye igihe cy'ikiruhuko cyo kubyara kitararangira agasiga umwana, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bukomeza guha se w'umwana cyangwa umwishingizi wemewe n'amategeko amafaranga umugore wapfuye yari asigaje gufata.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Kwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara n'igihe bimara**

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu gihe cy'ibyumweru bitandatu (6) bya nyuma by'ikiruhuko cyo kubyara.

Mu gihe umugore yagize ingorane mu kubyara zemejwe na muganga wemewe zituma yongererwa ikiruhuko cyo kubyara, akomeza guhabwa amafaranga mu gihe cy'inyongera kitarenze ukwezi kumwe (1).

**<u>CHAPTER III:</u> PAYMENT OF MATERNITY LEAVE BENEFITS**

**<u>Article 11</u>: Maternity leave benefits**

Maternity leave benefits are equal to the last woman's salary to which the contribution was subscribed.

Payment of maternity leave benefits commences with the seventh week of the maternity leave.

In case of death of a mother before expiry of maternity leave, the Social Security Administration continues to pay to the father or guardian of the surviving new-born the balance of maternity leave benefits that the deceased was entitled to.

**<u>Article 12</u>: Payment and duration of maternity leave benefits**

The Social Security Administration pays maternity leave benefits for the last six (6) weeks of the maternity leave.

In case of delivery complications certified by an authorized medical doctor necessitating prolonged maternity leave, additional maternity benefits is granted but does not exceed one (1) month.

**<u>CHAPITRE III</u> : PAIEMENT DE PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE**

**<u>Article 11</u>: Prestations de congé de maternité**

Les prestations de congé de maternité sont égales au dernier salaire de la femme sur lequel la cotisation a été souscrite.

Le paiement des prestations de congé de maternité prend effet à partir de la septième semaine du congé de maternité.

En cas de décès de la mère avant l'expiration du congé de maternité, l'Administration de la Sécurité Sociale continue de payer au père ou au tuteur légal du nouveau-né survivant le solde des prestations de maternité.

**<u>Article 12</u>: Paiement et durée des prestations de congé de maternité**

L'Administration de la Sécurité Sociale paie les prestations de congé de maternité pour les six (6) dernières semaines du congé de maternité.

En cas de complications à l'accouchement certifiées par un médecin agréé et nécessitant un congé de maternité prolongé, la femme bénéficie des prestations pour une période supplémentaire ne dépassant pas un (1) mois.

Uburyo bwo kwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara bushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Ibigomba kuba byujujwe n'uhabwa ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara**

Ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara byishyurwa iyo hujujwe ibi bikurikira :

1° umugore agomba kuba ari mu kiruhuko cyo kubyara akaba afite icyemezo cyabugenewe cyujujwe kandi gishyizweho umukono n'umukoresha gishyikirizwa Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uhereye umunsi yatangiriyeho ikiruhuko cyo kubyara;

2° umugore agomba kuba yaratanze imisanzu nibura ukwezi kumwe (1) kubanziriza ukwezi atangiriyeho ikiruhuko cyo kubyara mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara;

3° kwerekana icyemezo cyo kubyara kiriho umukono na kashi by'ivuriro ryemewe.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Iyishyurwa ry'imisanzu n'imisoro by'umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara**

Uretse imisanzu isanzwe itangwa n'umukoresha, ibindi bikurwa ku mushahara w'umukozi byishyurwa n'Ikigo cya Leta cy'ubwiteganyirize, mu gihe

A Ministerial Order determines the procedure for payment of maternity leave benefits.

**<u>Article 13</u>: Eligibility requirements for maternity leave benefits**

Maternity leave benefits are paid on the following conditions:

1º the woman must be on maternity leave as evidenced by a prescribed form duly signed by the employer and submitted to Social Security Administration within six (6) months from the date of commencing maternity leave;

2º the woman must have contributed to maternity leave benefits scheme for at least one (1) month preceding the month in which she starts her maternity leave;

3º presentation of a medical certificate of delivery duly signed and stamped from a recognized health facility.

**<u>Article 14</u>: Payment of taxes and contributions due by the woman on maternity leave**

Except for employer's contributions, other statutory deductions applicable to the remunerations of the employee are paid by the Social Security

Un arrêté ministériel détermine la procédure de paiement des prestations de congé de maternité.

**<u>Article 13</u>: Conditions d'éligibilité aux prestations de congé de maternité**

Les prestations de congé de maternité sont versées lorsque les conditions suivantes sont remplies:

1° la femme doit être en congé de maternité comme en atteste le formulaire prescrit dûment rempli et signé par l'employeur et soumis à l'Administration de la Sécurité Sociale dans un délai ne dépassant pas six (6) mois à compter de la date de début du congé de maternité;

2° la femme doit avoir payé des cotisations au régime des prestations de congé de maternité d'au moins un (1) mois précédant le mois dans lequel commence son congé de maternité ;

3° la présentation d'un certificat médical d'accouchement, dûment signé et scellé, délivré par un établissement de santé agréé.

**<u>Article 14:</u> Paiement des cotisations et taxes dues par la femme en congé de maternité**

A l'exclusion des cotisations patronales, les autres retenues obligatoires applicables aux rémunérations de l'employé sont payées par l'Administration de la

cy'ikiruhuko cyo kubyara cyishingirwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 15: Ishoramari**

Ishoramari ry'umutungo w'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara rikorwa hakurikijwe ibiteganywa na politiki y'ishoramari y'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize yemewe n'ikigo gishyiraho amabwiriza.

**Ingingo ya 16: Icungamutungo, isuzumagaciro ry'ubwishingizi n'ikiguzi cy'imicungire**

Ingano y'amafaranga agenewe imikorere n'ay'ingoboka by'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara agenwa bigishijwemo inama n'ikigo gishyiraho amabwiriza.

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bukora inyigo y'ubuzima bw'ubwiteganyirize bw'ubwishingizi nibura rimwe mu myaka itanu (5).

**Ingingo ya 17: Isonerwa ry'imisoro**

Imisanzu n'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ntibisoreshwa.

Administration during maternity leave insured in accordance with provisions of this Law.

**CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 15: Investments**

Investment of the property of maternity leave benefits scheme is done in accordance with the Social Security Administration investment policy approved by the regulator.

**Article 16: Financial management, actuarial valuation of insurance and administration costs**

Proportions of administrative costs and technical reserves under maternity leave benefits scheme are determined in consultation with the regulator.

The Social Security Administration carries out an actuarial study of the insurance at least once every five (5) years.

**Article 17: Tax exemption**

Contributions and maternity leave benefits are exempted from all taxes.

Sécurité Sociale, en cas de congé de maternité assuré conformément aux dispositions de la présente loi.

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 15: Investissements**

L'investissement du patrimoine du régime des prestations de congé de maternité se fait conformément à la politique d'investissement de l'Administration de la Sécurité Sociale approuvé par le régulateur.

**Article 16: Gestion financière, évaluation actuarielle de l'assurance et coûts d'administration**

La part des dépenses administratives et celle des réserves techniques du régime des prestations de congé de maternité sont déterminées en concertation avec le régulateur.

L'Administration de la Sécurité Sociale effectue une étude actuarielle de l'assurance au moins tous les cinq (5) ans.

**Article 17: Exemption des taxes**

Les cotisations et les prestations de congé de maternité sont exemptées de toutes taxes.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Ibyerekeye ubujurire**

Umukoresha cyangwa umukozi utishimiye icyemezo yafatiwe n'ubuyobozi bw'ikigo gifite ubwiteganyirize mu nshingano zacyo, ashobora gusaba mu nyandiko ko icyo cyemezo gisubirwamo n'Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo cya Leta gifite ubwiteganyirize mu nshingano zacyo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye igihe yamenyesherejwe icyemezo yafatiwe.

Inama y'Ubuyobozi igomba gutanga umwanzuro mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye igihe yagerejweho ubujurire. Iyo nta gisubizo uwajuriye ahawe mu gihe giteganyijwe muri iyi ngingo, icyasabwe gifatwa nk'aho cyemewe.

Iyo uwajuriye atanyuzwe n'icyemezo yafatiwe n'Inama y'Ubuyobozi, ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Article 18</u>: Appeal procedures**

The employer or the employee dissatisfied with the decision taken by the administration of the institution in charge of social security may request in writing to the Board of Directors of the institution in charge of social security the review of the decision within three (3) months from the date of notification of the decision.

The Board of Directors notifies its decision within three (3) months from the date of receipt of the appeal and if no decision has been taken and notified to the appellant within the time prescribed by this Article, the appeal is considered as accepted.

If the appellant is not satisfied with the decision taken by the Board of Directors, he/she may file the case to a competent court.

**<u>Article 19</u>: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**<u>Article 20</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 18</u>: Procédures d'appel**

L'employeur ou l'employé non satisfait de la décision prise par l'Administration de l'organe ayant la sécurité sociale dans ses attributions peut requérir par écrit la révision de la décision auprès du Conseil d'Administration de l'organe public ayant la sécurité sociale dans ses attributions endéans trois (3) mois à partir de la date de notification de la décision.

Le Conseil d'Administration notifie sa décision dans un délai de trois (3) mois à compter de la date de réception du recours. Si aucune décision n'a été donnée au requérant dans les délais prévus au présent article, la demande est considérée comme acceptée.

Si le requérant n'est pas satisfait de la décision du Conseil d'Administration, il peut saisir la juridiction compétente.

**<u>Article 19</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 20</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **30/03/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 21</u>: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **30/03/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**<u>Article 21</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **30/03/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N°005/2016 RYO KU WA 05/04/2016 RIGENGA IMBUTO N'AMOKO Y'IBIHINGWA MU RWANDA**

**ISHAKIRO**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: GUSUZUMA, KWEMEZA NO KWANDIKA AMOKO Y'IBIHINGWA**

**Ingingo ya 3: Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza no kwandika amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 4: Uburyo bwo gusuzuma, kwemeza, kwandika no gukura ubwoko bw'igihingwa ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 6: Ishyirwaho ry'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 7: Ububasha bw'ubugenzacyaha bw'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa**


**LAW N°005/2016 OF 05/04/2016 GOVERNING SEEDS AND PLANT VARIETIES IN RWANDA**

**TABLE OF CONTENTS**


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**CHAPTER II: PLANT VARIETY EVALUATION, CERTIFICATION AND REGISTRATION**

**Article 3: Plant variety evaluation, certification and registration Committee**

**Article 4: Procedures for evaluation, certification, registration and withdrawal of a plant variety from the national plant variety list**

**Article 5: National plant variety list**

**Article 6: Appointment of a plant variety registrar**

**Article 7: Plant variety registrar's powers of judicial police officer**


**LOI N°005/2016 DU 05/04/2016 REGISSANT LES SEMENCES ET LES VARIETES VEGETALES AU RWANDA**

**TABLE DES MATIERES**


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**CHAPITRE II: EVALUATION, HOMOLOGATION ET ENREGISTREMENT DES VARIETES VEGETALES**

**Article 3: Comité d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales**

**Article 4: Procédures d'évaluation, d'homologation, d'enregistrement et de retrait de variétés végétales au catalogue national des variétés végétales**

**Article 5: Catalogue national des variétés végétales**

**Article 6: Nomination du registraire des variétés végétales**

**Article 7: Pouvoirs d'officier de police judiciaire du registraire des variétés végétales**

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III:</u> GUTUBURA, GUTUNGANYA NO GUCURUZA IMBUTO NZIZA** | **<u>CHAPTER III:</u> QUALITY SEED PRODUCTION, PROCESSING AND MARKETING** | **<u>CHAPITRE III:</u> PRODUCTION, CONDITIONNEMENT ET COMMERCIALISATION DES SEMENCES DE QUALITE** |
| **<u>Ingingo ya 8:</u> Ituburwa ry'imbuto nziza** | **<u>Article 8:</u> Quality seed production** | **<u>Article 8:</u> Production des semences de qualité** |
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Itunganywa ry'imbuto nziza** | **<u>Article 9:</u> Quality seed processing** | **<u>Article 9:</u> Conditionnement des semences de qualité** |
| **<u>Ingingo ya 10:</u> Icuruzwa ry'imbuto nziza** | **<u>Article 10:</u> Quality seed marketing** | **<u>Article 10:</u> Commercialisation des semences de qualité** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ibisabwa umutubuzi, utunganya n'umucuruzi w'imbuto nziza** | **<u>Article 11:</u> Requirements for quality seed producer, conditioner and dealer** | **<u>Article 11:</u> Conditions exigées au producteur, conditionneur et au prestataire des services de semences de qualité** |
| **<u>Ingingo ya 12:</u> Ibyiciro by'imbuto byemewe** | **<u>Article 12:</u> Recognized seed categories** | **<u>Article 12:</u> Catégories de semences reconnues** |
| **<u>UMUTWE WA IV:</u> KWINJIZA MU GIHUGU NO KOHEREZA IMBUTO MU MAHANGA** | **<u>CHAPTER IV:</u> IMPORTATION AND EXPORTATION OF SEEDS** | **<u>CHAPITRE IV:</u> IMPORTATION ET EXPORTATION DES SEMENCES** |
| **<u>Ingingo ya 13:</u> Kwinjiza mu Gihugu no kohereza mu mahanga imbuto** | **<u>Article 13:</u> Importation and exportation of seeds** | **<u>Article 13:</u> Importation et exportation des semences** |
| **<u>UMUTWE WA V:</u> GUTANGA IBYEMEZO BY'IMBUTO** | **<u>CHAPTER V:</u> SEED CERTIFICATION** | **<u>CHAPITRE V:</u> CERTIFICATION DES SEMENCES** |
| **<u>Ingingo ya 14:</u> Imirimo y'igenzurwa n'isuzumwa ry'imbuto** | **<u>Article 14:</u> Seed inspection and testing** | **<u>Article 14:</u> Inspection et analyse de semences** |
| **<u>Ingingo ya 15:</u> Itangwa ry'icyemezo cy'ubuziranenge bw'imbuto** | **<u>Article 15:</u> Granting of seed quality certificate** | **<u>Article 15:</u> Octroi de certificat de qualité des semences** |
| **<u>Ingingo ya 16:</u> Ububasha bw'ubugenzacyaha bw'umugenzuzi w'imbuto** | **<u>Article 16:</u> Powers of judicial police officer for a seed inspector** | **<u>Article 16:</u> Pouvoir d'officier de police judiciaire d'un inspecteur de semences** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 17: Imenyekanisha ry'ikigo cy'imbuto** | **Article 17: Declaration of a seed establishment** | **Article 17: Déclaration d'un établissement de semences** |
| **Ingingo ya 18: Igenzura ry'ikigo cy'imbuto** | **Article 18: Inspection of a seed establishment** | **Article 18: Inspection d'un établissement des semences** |
| **Ingingo ya 19: Isuzumwa ry'imbuto** | **Article 19: Seed testing** | **Article 19: Analyse des semences** |
| **Ingingo ya 20: Ibipimo ngenderwaho by'ubuziranenge bw'imbuto** | **Article 20: Seed quality standards** | **Article 20: Normes de la qualité des semences** |
| **UMUTWE WA VI: KURINDA UBWOKO BUSHYA BW'IGIHINGWA N'UBURENGANZIRA BW'UMUSHAKASHATSI UKORA UBWOKO BW'IGIHINGWA** | **CHAPTER VI: PROTECTION OF A NEW PLANT VARIETY AND PLANT BREEDER'S RIGHTS** | **CHAPITRE VI: PROTECTION D'UNE NOUVELLE VARIETE VEGETALE ET DES DROITS D'OBTENTEUR** |
| **Icyiciro cya mbere: Kurinda ubwoko bushya bw'igihingwa** | **Section One: Protection of a new plant variety** | **Section première : Protection d'une nouvelle variété végétale** |
| **Ingingo ya 21: Ubwoko bw'igihingwa bukenera kurindwa** | **Article 21: Plant variety to be protected** | **Article 21: Variété végétale devant être protégée** |
| **Ingingo ya 22: Ibisabwa kugira ngo ubwoko bw'igihingwa burindwe** | **Article 22: Conditions of plant variety protection** | **Article 22: Conditions de protection d'une variété végétale** |
| **Ingingo ya 23: Ibiranga ubushya bw'ubwoko bw'igihingwa** | **Article 23: Criteria of novelty of a plant variety** | **Article 23: Critères de nouveauté d'une variété végétale** |
| **Ingingo ya 24: Ibiranga ubudasa bw'ubwoko bw'igihingwa** | **Article 24: Criteria for distinctness for plant variety** | **Article 24: Critère distinctif d'une variété végétale** |
| **Ingingo ya 25: Ibiranga kugira imimerere imwe y'ubwoko bw'igihingwa** | **Article 25: Criteria for uniformity of plant variety** | **Article 25: Critères d'uniformité d'une variété végétale** |
| **Ingingo ya 26: Ibiranga kudahindagurika kw'imiterere** | **Article 26: Criteria for stability** | **Article 26: Critères de stabilité** |
| **Icyiciro cya 2: Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa** | **Section 2: Plant breeder's rights** | **Section 2 : Droits d'obtenteur de variété végétale** |

**Ingingo ya 27: Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa**

**Ingingo ya 28: Kwandika, gutanga no kurinda uburenganzira bw'abashakashatsi**

**Ingingo ya 29: Ububasha bw'umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa**

**Ingingo ya 30: Igitabo cyandikwamo uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 31: Ikoreshwa ry'igitabo cyandikwamo uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'ibihingwa**

**Ingingo ya 32: Umushakashatsi wemerewe gusaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa**

**Ingingo ya 33: Uburyo gusaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa bikorwa**

**Ingingo ya 34: Gukoresha itariki y'ubusabe bwa mbere**

**Ingingo ya 35: Kurinda by'agateganyo ubwoko bw'igihingwa**

**Ingingo ya 36: Gutangaza amakuru**

**Ingingo ya 37: Gutambamira ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

**Article 27: Plant breeder's rights**

**Article 28: Registration, granting and protection of the plant breeder's rights**

**Article 29: Powers of the registrar of plant breeder's rights**

**Article 30: Plant breeder's rights register**

**Article 31: Access to the plant breeder's rights register**

**Article 32: Plant breeder's eligibility for plant variety protection**

**Article 33: Modalities for application for plant variety protection**

**Article 34: Use of prior date**

**Article 35: Provisional protection of plant variety**

**Article 36: Publication of information**

**Article 37: Objection against application for the plant breeder's right**

**Article 27: Droits d'obtenteur de variété végétale**

**Article 28: Enregistrer, octroyer et protéger les droits d'obtenteur de variété végétale**

**Article 29: Pouvoirs du registraire des droits d'obtenteur de variété végétale**

**Article 30: Registre dans lequel sont inscrits les droits d'obtenteur de variété végétale**

**Article 31: Accès au registre de droits d'obtenteur de variété végétale**

**Article 32: Conditions d'éligibilité d'obtenteur de variété végétale à la demande de protection de variété végétale**

**Article 33: Modalités de demande de protection d'une variété végétale**

**Article 34: Utilisation de la date antérieure**

**Article 35: Protection provisoire d'une variété végétale**

**Article 36: Publication d'information**

**Article 37: Objection contre la demande du droit d'obtenteur de variété végétale**

**Ingingo ya 38: Gusuzuma ubudasa, kugira imimerere imwe no kudahindagurika mu miterere by'ubwoko bw'igihingwa cyasabiwe kurindwa**

**Ingingo ya 39: Kwemererwa cyangwa kutemererwa uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 40: Aho uburenganzira bw'umushakashatsi wakoze ubwoko bw'igihingwa bukoreshwa**

**Ingingo ya 41: Irengayobora ku burenganzira bw'Umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 42: Aho uburenganzira bw'Umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa burangirira**

**Ingingo ya 43: Ibyabangamira ikoreshwa ry'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 44: Igihe uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa bumara**

**Ingingo ya 45: Ibiranga izina rihabwa ubwoko bw'igihingwa**

**Ingingo ya 46: Gutesha agaciro uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 47: Gusesa uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 48: Gutanga no guhererekanya uburenganzira**

**Article 38: Test for distinctness, uniformity and stability of a variety under application for protection**

**Article 39: Granting or refusal of the plant breeders' right**

**Article 40: Scope of the plant breeder's right**

**Article 41: Exception to the plant breeder's right**

**Article 42: Exhaustion of the plant breeder's right**

**Article 43: Restrictions on the exercise of the plant breeder's right**

**Article 44: Duration of the plant breeder's right**

**Article 45: Plant variety denomination**

**Article 46: Nullity of the plant breeder's right**

**Article 47: Cancellation of the plant breeder's right**

**Article 48: Assignment and transfer of right**

**Article 38: Test de distinction, d'uniformité et de stabilité d'une variété faisant l'objet de la demande de protection**

**Article 39: Accorder ou refuser le droit d'obtenteur de variété végétale**

**Article 40: Champ d'application du droit d'obtenteur de variété végétale**

**Article 41: Exceptions au droit d'obtenteur de variété végétale**

**Article 42: Epuisement du droit d'obtenteur de variété végétale**

**Article 43: Limitations de l'exercice du droit d'obtenteur de variété végétale**

**Article 44: Durée du droit de l'obtenteur de variété végétale**

**Article 45: Dénomination de la variété végétale**

**Article 46: Nullité du droit d'obtenteur de variété végétale**

**Article 47: Annulation du droit de l'obtenteur de variété végétale**

**Article 48: Cession et transfert de droit**

**Ingingo ya 49: Kumenyesha iseswa cyangwa iteshwagaciro by'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

**Ingingo ya 50: Gutakamba**

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 51: Kunyuranya n'ibiteganywa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 52: Agaciro k'ibyakozwe**

**Ingingo ya 53: Igihe cy'inzibacyuho**

**Ingingo ya 54: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 55: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 56: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa**

**Article 49: Notification of cancellation or nullification of the plant breeder's right**

**Article 50: Appeal**

**CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 51: Contravening provisions of this Law**

**Article 52: Validity of acts performed**

**Article 53: Transitional period**

**Article 54: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 55: Repealing provision**

**Article 56: Commencement**

**Article 49: Notification de l'annulation et nullité du droit d'obtenteur de variété végétale**

**Article 50: Recours**

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 51: Violation des dispositions de la présente loi**

**Article 52: Validité des actes posés**

**Article 53 : Période transitoire**

**Article 54: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 55: Disposition abrogatoire**

**Article 56: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°005/2016 RYO KU WA 05/04/2016 RIGENGA IMBUTO N'AMOKO Y'IBIHINGWA MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo ku wa 05/02/2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 168 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano ashyiraho Isoko Rusange rihuriweho n'Ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo yashyiriweho umukono i Kampala muri Uganda kuwa 05 Ugushyingo 1993 yahamijwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 004/94 ryo kuwa 01 Ukuboza 1994;

Ishingiye ku Masezerano ashyiraho Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba yashyiriweho umukono i Arusha muri Tanzaniya kuwa 30 Ugushyingo 1999 nk'uko yavuguruwe kugeza ubu;

**LAW N°005/2016 OF 05/04/2016 GOVERNING SEEDS AND PLANT VARIETIES IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 05/02/2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176;

Pursuant to the Treaty for the Establishment of Common Market of Eastern and Southern Africa signed in Kampala, Uganda on 05 November 1993 ratified by Presidential Order n° 004/94 of 01 December 1994;

Pursuant to the Treaty for the establishment of the East African Community signed in Arusha, Tanzania on 30 November 1999 as amended to date;

**LOI N°005/2016 DU 05/04/2016 REGISSANT LES SEMENCES ET LES VARIETES VEGETALES AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 05/02/2016 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176 ;

Vu le Traité portant création du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe, signé le 05 novembre 1993 à Kampala en Uganda ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 004/94 du 01 décembre 1994;

Vu le Traité portant création de la Communauté de l'Afrique de l'Est signé à Arusha en Tanzanie le 30 novembre 1999 tel que révisé à ce jour;

Ishingiye ku Masezerano yerekeye iyinjizwa rya Repubulika y'u Rwanda mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba, yashyiriweho umukono i Kampala kuwa 18 Kamena 2007, yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 24/01 ryo kuwa 28/06/2007;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga yo kurengera ibimera yashyizweho umukono i Roma kuwa 26/08/2008 hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Umuryango Mpuzamahanga ugamije kurengera ibimera yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 28/01 ryo ku wa 09/07/2012;

Ishingiye ku Itegeko nº 31/2009 ryo ku wa 26 Ukwakira 2009, rigamije kurengera Umutungo Bwite mu by'Ubwenge, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 289;

Isubiye ku Itegeko n°14/2003 ryo kuwa 23/05/2003 ryerekeye Ituburwa, Igenzurwa n'Icuruzwa ry'Imbuto nziza z'ibihingwa;

**YEMEJE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda.

**<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

Pursuant to the Treaty of accession of the Republic of Rwanda to the East African Community, signed in Kampala, Uganda, on 18 June 2007 as ratified by Presidential Order n° 24/01 of 28/06/2007;

Pursuant to the International Plant Protection Convention signed in Rome on 26/08/2008 between the Republic of Rwanda and the International Plant Protection Organization ratified by Presidential Order n° 28/01 of 09/07/2012;

Pursuant to Law nº 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property, especially in article 289;

Having reviewed Law n° 14/2003 of 23/05/2003 on production, quality control and commercialization of plant quality seeds;

**ADOPTS:**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Law**

This Law governs seeds and plant varieties in Rwanda.

**<u>Article 2:</u> Definitions of terms**

For the purpose of this Law, the following terms have the following meanings:

Vu le Traité d'adhésion de la République du Rwanda à la Communauté de l'Afrique de l'Est, signé à Kampala en Ouganda le 18 juin 2007 tel que ratifié par l'Arrêté Présidentiel nº 24/01 du 28/06/2007;

Vu la Convention Internationale pour la Protection des Végétaux signée à Rome le 26/08/2008 entre la République du Rwanda et l'Organisation Internationale pour la protection des Végétaux telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 28/01 du 09/07/2012;

Vu la Loi nº 31/2009 du 26/10/2009 portant protection de la propriété intellectuelle, spécialement en son article 289;

Revu la Loi n° 14/2003 du 23/05/2003 portant sur la production, le contrôle de qualité et la commercialisation des semences végétales;

**ADOPTE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier:</u> Objet de la présente loi**

La présente loi régit les semences et les variétés végétales au Rwanda.

**<u>Article 2:</u> Définitions des termes**

Au sens de la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes:

1° **gutunganya imbuto:** gusukura, gutoranya cyangwa gushyira imbuto mu byiciro binyuranye hagamijwe kongera ubuziranenge bwazo;

2° **igipfunyika:** ikintu gikoreshejwe mu gutwara, kubika, kurinda cyangwa gucunga imbuto;

3° **ikigo cy'imbuto***:* isambu, umurima, ubuhunikiro, uruganda cyangwa inyubako bituburirwamo, bitunganyirizwamo cyangwa bigurirwamo imbuto;

4° **ikigo cyemewe gitanga icyemezo:** ikigo cyemewe mu gihugu gitanga ibyemezo by'imbuto hakurikijwe amategeko abigenga;

5° **ikirango:** igisobanuro icyo ari cyo cyose, ijambo, ikimenyetso cyangwa igishushanyo gishyizwe cyangwa cyometse ku gipfunyika cy'imbuto, gishyizwemo cyangwa se kigiherekeje hakurikijwe amategeko abigenga;

6° **imbuto:** igihingwa cyangwa igice cy'igihingwa gikoreshwa cyangwa kigenewe gukoreshwa mu gutubura icyo gihingwa, harimo intete, umurama, ingemwe, inguri, ingeri, umushibuka, umuzi, umugozi, ijisho, igihimba, ikimera cyakira ikindi, umubyare cyangwa ibijumba byakoreshejwe mu gutubura igihingwa cyangwa bigenewe gukoreshwa bityo;

7° **imbuto fatizo**: imbuto ikomoka ku mbuto remezo yatubuwe hakurikijwe amabwiriza y'uwakoze ubwoko bw'igihingwa cyangwa undi muntu yahaye uruhushya rwo kumuhagararira;

1° **seed processing:** cleaning, sorting or grading of seed in order to improve the quality;

2° **packaging**: material used to transport, keep, protect or monitor seed;

3° **seed establishment:** farm, field, warehouse, factory or any building where seed is produced, processed or sold;

4° **seed certification agency:** recognised agency in a country responsible for the certification of seed according to the relevant laws;

5° **label:** any legend, word, mark or design applied or attached to, included in, or accompanying any package of seeds in accordance with the relevant laws;

6° **seed:** plant or part of a plant which is or is intended to be used for propagation of a plant including, a grain, scions, seedling, corm, cutting, shoot, root, runner, node, stem, stock, banana pup or tubers which were used for propagation of a plant or are intended to be used as such;

7° **pre-basic seed**: seed of the generation directly derived from breeder seed under the direct control of the plant breeder or his duly accredited representative;

1° **conditionnement des semences:** nettoyage, triage, catégorisation des semences afin d'en améliorer la qualité;

2° **emballage:** matériel utilisé pour transporter, conserver, protéger ou surveiller une semence;

3° **établissement de semences:** champ agricole, terrain, entrepôt, usine ou bâtiment où les semences sont produites, conditionnées ou vendues;

4° **agence de certification agréée:** agence agréée dans un pays chargée de la certification de semence conformément aux lois en la matière;

5° **étiquette:** toute légende, mot, symbole ou dessin appliqué ou inclus, ou accompagnant un emballage de semences conformément aux lois en la matière;

6° **semence:** plante ou partie d'une plante utilisée ou destinée à être utilisée pour la propagation de cette plante et qui comprend une graine, scions, semis, rhizome, bouture, pousse, racine, stolon, nœud, tige, porte-greffe, rejet de bananier ou tubercules qui étaient utilisés pour la propagation d'une plante ou destinés à être utilisés comme telle;

7° **semence de pré-base**: semence issue de la multiplication de semence de souche et qui est produite sous le contrôle direct de l'obtenteur de variété végétale ou son représentant dûment accrédité;

8° **imbuto ifite icyemezo:** imbuto ikomoka ku ituburwa ry'imbuto shingiro yahawe icyemezo cy'ubwiza binyuze mu nzira yemewe n'amategeko yo kwemeza imbuto;

9° **imbuto nziza:** imbuto yagenzuwe n'umuntu ubifitiye ububasha, yatunganyijwe kandi yujuje ibipimo by'ubuziranenge biteganywa n'iri tegeko;

10° **imbuto remezo:** imbuto ikurikiranirwa hafi n'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa hakurikijwe amahame y'ubushakashatsi ikaba ariyo ikomokaho ibindi byiciro byose by'imbuto;

11° **imbuto shingiro**: imbuto yemewe, ikomoka ku mbuto fatizo, yatubuwe n'abatubuzi babiherewe uruhushya n'Urwego rubifitiye ububasha;

12° **imbuto yemewe:** imbuto iri muri kimwe mu byiciro by'imbuto zemewe gucuruzwa mu Rwanda;

13° **imbuto zifite ubwiza bwemejwe:** imbuto ikomoka ku mbuto shingiro cyangwa ku mbuto ifite ubwiza bwemewe, zimenyekanishwa n'uwazitubuye ko zujuje ibisabwa mu mabwiriza y'ubutubuzi bw'imbuto, zikemezwa n'inzego zibishinzwe zimaze kuzikorera ubugenzuzi;

14° **izina:** inyito yahawe ubwoko bw'igihingwa;

8° **certified seed:** seed from the multiplication of basic seed whose quality has been approved through a legally recognized certification process;

9° **quality seed:** seed inspected by a competent person, processed and which is in conformity with quality standards prescribed by this Law;

10° **breeder seed:** seed directly controlled by the plant breeder whose production complies with the plant breeding principles from which all other seed classes are produced;

11° **basic seed:** approved progeny of pre-basic seed produced by seed growers authorised by the competent authority;

12° **prescribed seed:** seed that falls in any of the categories acceptable for sale in Rwanda;

13° **quality declared seed:** seed produced from basic or certified seed, declared by the producer as being in conformity with technical, identity and quality standards governing seed production and approved by the competent authority after the verification of the quality;

14° **denomination:** generic designation of a plant variety;

8° **semence certifiée:** semence issue de la multiplication de semence de base dont la qualité a été approuvée suivant la procédure de certification légalement reconnue;

9° **semence de qualité:** semence inspectée par une personne compétente, conditionnée et qui est en conformité avec les normes de qualité prévues par la présente loi ;

10° **semence de souche:** semence directement contrôlée par l'obtenteur dont la production se fait conformément aux principes de recherche, à partir de laquelle sont produites les autres catégories de semences;

11° **semence de base:** descendance approuvée de semences de pré-base produites par des producteurs de semences agréés par l'autorité compétente;

12° **semence prescrite:** semence appartenant à l'une des catégories acceptées pour la commercialisation au Rwanda;

13° **semences de qualité déclarée:** semence issue de semence de base ou de semence certifiée, déclarée par le producteur comme étant en conformité avec les normes techniques, l'identité et les normes de qualité régissant la production de semences et approuvées par l'autorité compétente après la vérification de cette qualité;

14° **dénomination:** nom générique d'une variété végétale;

15° **Minisitiri:** Minisitiri ufite Ubuhinzi mu nshingano ze;

16° **ubwoko bw'igihingwa:** itsinda ry'ibihingwa biri mu muryango umwe w'ibimera, bigatandukanywa n'imiterere igaragara cyangwa yihishe muri kamere, iyo ibyo bihingwa babiteye bifashishije intete, umurama, igihingwa cyangwa se agace kacyo bigumana ibibiranga byihariye;

17° **umucuruzi w'imbuto:** umuntu wemerewe gukora nibura umwe mu mirimo ijyanye no gutubura imbuto, kuzitunganya, kuzicuruza no gupima ubwiza bwazo muri laboratwari hakurikijwe amategeko abigenga;

18° **umugenzuzi w'imbuto:** umukozi ukora mu rwego rushinzwe kugenzura imirima y'imbuto no gufata ingero z'imbuto zo gupima hakurikijwe amategeko abigenga;

19° **umuhinzi muto**: umuhinzi ufite ubutaka butarenze hegitari imwe;

20° **umuntu**: umuntu ku giti cye, itsinda ry'abantu, ikigo, isosiyeti cyangwa ishyirahamwe bikora imirimo ijyanye n'imbuto n'amoko y'ibihingwa;

21° **umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa:** umuntu wakoze ubwoko bushya bw'igihingwa, umukoresha we cyangwa uwo yeguriye uburenganzira kuri ubwo bwoko bw'igihingwa;

15° **Minister:** Minister in charge of Agriculture;

16° **plant variety:** a collection of plants which distinguish themselves from other plants or their own species by morphological, physiological, cytological, chemical or any other characteristics and which in the case of sexual or asexual reproduction, conserve their distinctive characters;

17° **seed dealer:** a person licenced to engage in the business of seed production, conditioning or marketing and selling as well as testing seeds in laboratories in accordance with relevant laws;

18° **seed inspector:** official belonging to a quality control department responsible for performing field control and sampling of seeds in accordance with relevant laws;

19° **small-holder farmer:** a farmer who possesses a land whose size is equal or less than one hectare;

20° **person:** individual, group of people, corporation, company or association carrying out activities linked with seeds and plant varieties;

21° **plant breeder:** a person who developed a plant variety, his/her employer or successor in title;

15° **Ministre:** Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions;

16° **variété végétale:** ensemble des plantes appartenant à une même famille, qui se distinguent des autres plantes de leur espèce par des caractères d'ordre physiologique, cytologique, chimique, lorsqu'elles font l'objet d'une reproduction sexuée ou asexuée, elles conservent leurs caractères distinctifs;

17° **prestataire des services de semences:** personne autorisée à s'engager dans les activités de production de semences, de conditionnement ou commercialisation de semences ainsi que dans les activités d'analyse de semences dans de laboratoires conformément aux lois en la matière;

18° **inspecteur des semences:** agent appartenant à un département de contrôle de la qualité chargé d'effectuer le contrôle de champs, l'échantillonnage des semences conformément aux lois en la matière;

19° **petit exploitant agricole:** exploitant agricole qui possède un champ dont la superficie est inférieure ou égale à un hectare;

20° **personne:** personne physique, groupe de personnes, entreprise, société ou association s'occupant des activités relatives aux semences et variétés végétales;

21° **obtenteur de variété végétale:** personne qui a mis au point une nouvelle variété, son employeur ou son successeur en titre;

22° **umutubuzi w'imbuto:** umuntu utubura imbuto wahawe uburenganzira n'urwego rubifitiye ububasha kandi hakurikijwe ibipimo byashyizweho n'itegeko ribigenga;

23° **usuzuma:** umuntu ufite ubumenyi kandi washyiriweho gusuzuma ingero z'imbuto hakurikijwe amategeko abigenga;

24° **utunganya imbuto:** umuntu ubitifitiye uburenganzira, ushinzwe imirimo yo gusukura imbuto, guhungira n'indi mirimo yo gufata neza imbuto zigenewe gukoreshwa cyangwa kugurishwa.

## <u>UMUTWE WA II:</u> GUSUZUMA, KWEMEZA NO KWANDIKA AMOKO Y'IBIHINGWA

### <u>Ingingo ya 3:</u> Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza no kwandika amoko y'ibihingwa

Hashyizweho Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza, kwandika amoko y'ibihingwa no kuyakura ku rutonde.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'imikorere byayo.

### <u>Ingingo ya 4:</u> Uburyo bwo gusuzuma, kwemeza, kwandika no gukura ubwoko bw'igihingwa ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa

Umuntu wese ushaka ko ubwoko bushya bw'ibihingwa busuzumwa, bwemezwa kandi bwandikwa ku rutonde

22° **seed producer:** any person approved by the relevant authority to produce seeds according to the standards set by relevant law;

23° **analyst:** a person qualified and designated to analyse seed samples according to relevant laws;

24° **seed conditioner:** a person authorized to deal with the business of cleaning, treating or otherwise conditioning seeds intended for use or sale.

## <u>CHAPTER II:</u> PLANT VARIETY EVALUATION, CERTIFICATION AND REGISTRATION

### <u>Article 3:</u> Plant variety evaluation, certification and registration Committee

There is established a Committee responsible for evaluation, certification and registration of plant varieties and their withdrawal from the list.

A ministerial Order determines its organisation and functioning.

### <u>Article 4:</u> Procedures for evaluation, certification, registration and withdrawal of a plant variety from the national plant variety list

Any person wishing to have the new plant variety evaluated, certified and registered on the national plant

22° **producteur de semences**: personne agréée par l'autorité compétente pour produire des semences conformément aux normes fixées par la loi en la matière;

23° **analyste:** personne qualifiée et désignée pour analyser les échantillons de semences conformément aux lois en la matière;

24° **conditionneur des semences:** personne autorisée à s'impliquer dans les activités de nettoyage, de traitement ou dans toute autre opération de conditionnement de semences destinées à l'usage ou la vente.

## <u>CHAPITRE II:</u> EVALUATION, HOMOLOGATION ET ENREGISTREMENT DES VARIETES VEGETALES

### <u>Article 3:</u> Comité d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales

Il est créé un Comité d'évaluation, d'homologation, d'enregistrement des variétés végétales et de leur retrait de la liste.

Un arrêté ministériel détermine son organisation et son fonctionnement.

### <u>Article 4:</u> Procédures d'évaluation, d'homologation, d'enregistrement et de retrait de variétés végétales au catalogue national des variétés végétales

Toute personne qui souhaite qu'une nouvelle variété végétale soit évaluée, homologuée et enregistrée au

rw'amoko y'ibihingwa yemewe mu gihugu abisaba komite ibishinzwe.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo isuzuma iyemezwa n'iyandikwa ry'amoko y'ibihingwa bikorwa. Rigena kandi uburyo amoko y'ibihingwa yemejwe akurwa ku rutonde.

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa**

Buri mwaka, amoko y'ibihingwa yemewe ashyirwa ku rutonde rwabugenewe rutangazwa na Minisitiri mu Igazeti ya Leta.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere yarwo.

**Ingingo ya 6: Ishyirwaho ry'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa**

Urwego rufite mu nshingano ibijyanye no gutanga ibyemezo by'imbuto rushyiraho umwanditsi w'amoko y'ibihingwa.

**Ingingo ya 7: Ububasha bw'ubugenzacyaha bw'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa**

Umwanditsi w'amoko y'ibihingwa ahabwa ububasha bw'ubugenzacyaha na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

variety list submits an application to the competent committee.

A ministerial Order determines the procedures for evaluation, certification and registration of plant varieties. It also determines procedures for the withdrawal of certified plant varieties from the list.

**Article 5: National plant variety list**

Each year, certified plant varieties are registered on a list provided for that purpose which is published by the Minister in the Official Gazette.

A ministerial Order determines its format.

**Article 6: Appointment of a plant variety registrar**

The seed certification authority appoints a plant variety registrar.

**Article 7: Plant variety registrar's powers of judicial police officer**

The plant variety registrar is granted powers of Judicial Police Officer by the Minister in charge of justice.

catalogue national de variétés végétales en fait la demande auprès du comité habilité.

Un arrêté ministériel détermine les procédures d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales. Il détermine également les procédures de retrait d'une variété au catalogue des variétés végétales.

**Article 5: Catalogue national des variétés végétales**

Chaque année, les variétés végétales homologuées sont enregistrées au catalogue prévu à cet effet publié au Journal Officiel par le Ministre.

Un arrêté ministériel détermine sa forme.

**Article 6: Nomination du registraire des variétés végétales**

L'organe de certification des semences nomme un registraire des variétés végétales.

**Article 7: Pouvoirs d'officier de police judiciaire du registraire des variétés végétales**

Le registraire des variétés végétales reçoit du Ministre ayant la justice dans ses attributions les pouvoirs d'officier de police judiciaire.

**UMUTWE WA III: GUTUBURA, GUTUNGANYA NO GUCURUZA IMBUTO NZIZA**

**Ingingo ya 8: Ituburwa ry'imbuto nziza**

Ituburwa ry'imbuto nziza rikorwa n'umutubuzi w'imbuto wabiherewe uruhushya kandi uri ku rutonde rw'abatubuzi b'imbuto bemewe.

**Ingingo ya 9: Itunganywa ry'imbuto nziza**

Imbuto nziza zigomba kuba zitunganyijwe kandi zipfunyitse neza.

Igipfunyika cy'imbuto nziza kigomba kuba kiriho ikirango cyazo.

Iteka rya Minisitiri rigena ibirango by'imbuto n'ibigomba kugaragara ku kirango no ku gipfunyika cy'imbuto nziza.

**Ingingo ya 10: Icuruzwa ry'imbuto nziza**

Icuruzwa ry'imbuto nziza rikorwa n'umuntu ubifitiye uruhushya kandi wanditswe ku rutonde rw'abacuruza imbuto nziza bemewe.

Imbuto z'ubwoko bw'igihingwa bwanditse ku rutonde rw'amoko y'ibihingwa yemewe mu Rwanda nizo zonyine zicuruzwa nk'imbuto nziza.

**CHAPTER III: QUALITY SEED PRODUCTION, PROCESSING AND MARKETING**

**Article 8: Quality seed production**

Quality seed production is carried out by a seed producer authorized to do so, and is registered on the list of recognized seed producers.

**Article 9: Quality seed processing**

Quality seeds must be well processed and packed in a sealed container.

Quality seed packaging must be labelled.

A ministerial Order determines the information that a quality seed label and container has to bear.

**Article 10: Quality seed marketing**

Quality seed marketing is be carried out by a person authorized to do so and who is registered on the list of recognized seed dealers.

Quality seed marketing applies only to those plant varieties that are entered on the national plant variety list.

**CHAPITRE III: PRODUCTION, CONDITIONNEMENT ET COMMERCIALISATION DES SEMENCES DE QUALITE**

**Article 8: Production des semences de qualité**

La production des semences de qualité est effectuée par un producteur de semences autorisé à le faire et enregistré sur la liste des producteurs agréés.

**Article 9: Conditionnement des semences de qualité**

Les semences de qualité doivent être bien traitées et emballées dans un conteneur scellé.

L'emballage des semences de qualité doit être étiqueté.

Un arrêté ministériel détermine les renseignements qui doivent figurer sur l'étiquette et le contenant des semences de qualité.

**Article 10: Commercialisation des semences de qualité**

La commercialisation des semences de qualité est effectuée par la personne qui en a l'autorisation et qui figure sur la liste des prestataires des services de semences agréés.

Sont commercialisées seules les semences de qualité des variétés végétales enregistrées au catalogue national de variétés végétales.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Ibisabwa umutubuzi, utunganya n'umucuruzi w'imbuto nziza**

Umutubuzi, utunganya n'umucuruzi w'imbuto nziza agomba kuba yujuje ibisabwa.

Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gutubura, gutunganya cyangwa gucuruza imbuto nziza.

**<u>Ingingo ya 12:</u> Ibyiciro by'imbuto byemewe**

Ibyiciro by'imbuto byemewe ni ibi bikurikira:

1° imbuto fatizo;

2° imbuto shingiro;

3° imbuto ifite icyemezo;

4° imbuto ifite ubwiza bwemewe.

Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo ngenderwaho mu gushyira imbuto mu cyiciro. Rigena kandi amabara y'ibirango bya buri cyiciro.

**<u>UMUTWE WA IV:</u> KWINJIZA MU GIHUGU NO KOHEREZA IMBUTO MU MAHANGA**

**<u>Ingingo ya 13:</u> Kwinjiza mu Gihugu no kohereza mu mahanga imbuto**

Kwinjiza mu Gihugu no kohereza mu mahanga imbuto, bikorwa n'umuntu ufite uburenganzira bwo gucuruza

**<u>Article 11:</u> Requirements for quality seed producer, conditioner and dealer**

Any quality seed producer, conditioner and dealer must meet the prescribed requirements.

A ministerial Order determines the requirements for a person to be authorized to become a quality seed producer, conditioner or dealer.

**<u>Article 12:</u> Recognized seed categories**

Recognized Seed categories are the following:

1° pre-basic seed;

2° basic seed;

3° certified seed;

4° quality declared seed.

A ministerial Order determines the criteria for putting seed varieties in categories. It also determines the colours of the labels for each category.

**<u>CHAPTER IV:</u> IMPORTATION AND EXPORTATION OF SEEDS**

**<u>Article 13:</u> Importation and exportation of seeds**

Importation and exportation of seeds are carried out by a seed dealer who has been authorized to do so by the

**<u>Article 11:</u> Conditions exigées au producteur, conditionneur et au prestataire des services de semences de qualité**

Tout producteur, conditionneur et prestataire des services de semences de qualité doit remplir les conditions exigées.

Un arrêté ministériel détermine les conditions à remplir pour avoir l'autorisation de producteur, conditionneur ou de prestataire des services de semences de qualité.

**<u>Article 12:</u> Catégories de semences reconnues**

Les catégories de semences reconnues sont les suivantes:

1° semence de pré- base;

2° semence de base;

3° semence certifiée;

4° semence de qualité déclarée.

Un arrêté ministériel détermine les critères de classement des semences dans des catégories. Il détermine également les couleurs des étiquettes pour chaque catégorie.

**<u>CHAPITRE IV:</u> IMPORTATION ET EXPORTATION DES SEMENCES**

**<u>Article 13:</u> Importation et exportation des semences**

L'importation et l'exportation des semences sont effectuées par un prestataire des services de semences autorisé et qui

imbuto kandi wabiherewe uruhushya n'urwego rufite mu nshingano zarwo gutanga ibyemezo byo kwinjiza ibimera mu Rwanda no kubyohereza mu mahanga.

Imbuto zifashishwa mu rwego rw'ubushakashatsi, zishobora kwinjizwa mu Gihugu cyangwa koherezwa mu mahanga zimaze gutangirwa uruhushya n'urwego rufite mu nshingano zarwo gutanga ibyemezo byo kwinjiza ibimera mu Rwanda no kubyohereza mu mahanga.

Undi muntu wifuza kwinjiza imbuto nke atagamije kuzicuruza cyangwa kuzigeza ku bahinzi, nawe ashobora gusaba uruhushya rwo kuzinjiza mu gihugu akaruhabwa hakurikijwe ibisabwa.

Imbuto zinjiye mu Gihugu zitujuje ibisabwa zisubizwa aho zaturutse cyangwa zigasenywa. Ikiguzi cy'isenya cyishyurwa na nyirazo.

Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe uruhushya rwo kwinjiza mu Gihugu no kohereza imbuto mu mahanga.

**<u>UMUTWE WA V:</u> GUTANGA IBYEMEZO BY'IMBUTO**

**<u>Ingingo ya 14:</u> Imirimo y'igenzurwa n'isuzumwa ry'imbuto**

Imirimo y'igenzurwa n'isuzumwa by'imbuto ikorwa n'abagenzuzi n'abasuzumyi b'imbuto.

authority in charge of granting license for importation and exportation of plants in Rwanda.

Seeds for research purposes may be imported or exported subject to a license that is granted by the authority in charge of granting license for importation and exportation of plants in Rwanda.

Any other person wishing to import certain kinds of seeds for neither sale nor distribution purposes, may also apply for the licence of importing seeds, which he or she is granted on specified requirements.

Seeds that have been imported contrary to the requirements are returned to the country of origin or be destroyed. The cost of destruction is met by the importer.

A ministerial Order determines the requirements for a person to be granted a license for importing and exporting seeds.

**<u>CHAPTER V:</u> SEED CERTIFICATION**

**<u>Article 14:</u> Seed inspection and testing**

Seed inspection and testing are carried out by seed inspectors and seed analysts.

en a obtenu l'autorisation délivrée par l'autorité chargée de l'octroi de licence d'importation et d'exportation des plantes au Rwanda.

L'importation ou l'exportation de semences pour des raisons de recherche peut se faire moyennant l'obtention d'une licence délivrée par l'autorité chargée de l'octroi de licence d'importation et d'exportation des plantes au Rwanda.

Toute autre personne désirant importer certaines semences sans intention de les vendre ou de les distribuer peut demander l'autorisation de les importer sur base des conditions prescrites.

Les semences importées en violation des conditions exigées sont renvoyées dans le pays d'origine ou détruites. Le coût de destruction est à la charge de l'importateur.

Un arrêté ministériel détermine les conditions d'octroi de licence d'importation et d'exportation de semences.

**<u>CHAPITRE V:</u> CERTIFICATION DES SEMENCES**

**<u>Article 14:</u> Inspection et analyse de semences**

L'inspection et l'analyse de semences sont effectuées par les inspecteurs et les analystes de semences.

**Ingingo ya 15: Itangwa ry'icyemezo cy'ubuziranenge bw'imbuto**

Imbuto zituburwa cyangwa izicuruzwa zigomba kuba zifite icyemezo cy'ubuziranenge bw'imbuto gitangwa n'urwego rufite mu nshingano zarwo gutanga ibyemezo byo kwinjiza ibimera mu Rwanda no kubyohereza mu mahanga.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo igenzurwa ry'imbuto n'itangwa ry'ibyemezo by'ubuziranenge bw'imbuto bikorwa.

**Ingingo ya 16: Ububasha bw'ubugenzacyaha bw'umugenzuzi w'imbuto**

Umugenzuzi w'imbuto ahabwa ububasha bw'ubugenzacyaha na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**Ingingo ya 17: Imenyekanisha ry'ikigo cy'imbuto**

Utubura, ucuruza n'utunganya imbuto amenyesha mu nyandiko urwego rufite mu nshingano zarwo gutanga ibyemezo byo kwinjiza ibimera mu Rwanda no kubyohereza mu mahanga aho akorera n'ahandi hose afite ububiko kugira ngo hakorerwe igenzurwa.

**Ingingo ya 18: Igenzura ry'ikigo cy'imbuto**

Ikigo cy'imbuto cyagaragajwe kigenzurwa n'umugenzuzi w'imbuto ubifitiye ububasha.

**Article 15: Granting of seed quality certificate**

Seeds that are produced or sold must have a seed quality certificate granted by the authority in charge of granting licenses for importation and exportation of plants in Rwanda.

A ministerial Order determines the procedures for seed inspection and granting of seed quality certificates.

**Article 16: Powers of judicial police officer for a seed inspector**

A seed inspector is granted powers of a Judicial Police Officer by the Minister in charge of justice.

**Article 17: Declaration of a seed establishment**

A person producing, selling and processing seeds, for inspection purposes, declares in writing his or her establishment or warehouse to the authority in charge of granting permit for importing and exporting plants in Rwanda.

**Article 18: Inspection of a seed establishment**

A declared seed establishment is inspected by a competent seed inspector.

**Article 15: Octroi de certificat de qualité des semences**

Les semences produites ou commercialisées doivent avoir un certificat de la qualité des semences délivré par l'autorité chargée d'octroi de licences d'importation et d'exportation des plantes au Rwanda.

Un arrêté ministériel détermine les procédures de vérification de semences et d'octroi de certificats de la qualité des semences.

**Article 16: Pouvoir d'officier de police judiciaire d'un inspecteur de semences**

Un inspecteur de semences reçoit du Ministre ayant la justice dans ses attributions les pouvoirs d'officier de police judiciaire.

**Article 17: Déclaration d'un établissement de semences**

Le producteur, prestataire des services de semences ou le conditionneur de semences doit, pour des raisons d'inspection, déclarer par écrit à l'autorité chargée d'autoriser l'importation et l'exportation des plantes au Rwanda, son établissement ou ses entrepôts.

**Article 18: Inspection d'un établissement des semences**

L'inspection d'un établissement des semences déclaré est effectuée par un inspecteur de semences compétent.

**<u>Ingingo ya 19:</u> Isuzumwa ry'imbuto**

Imbuto zose zisabirwa icyemezo zisuzumwa muri laboratwari yemewe.

Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho kugira ngo laboratwari isuzumirwamo imbuto yemerwe.

**<u>Ingingo ya 20:</u> Ibipimo ngenderwaho by'ubuziranenge bw'imbuto**

Urwego rubifitiye ububasha rugena ibipimo ngenderwaho mu igenzura ry'imbuto mu mirima, mu ifata ry'ingero n'isuzumwa muri laboratwari.

Icyakora, imbuto zidatuburirwa mu Rwanda zemererwa kwinjira mu gihugu iyo zifite ibyemezo byatanzwe n'igihugu gikoresha ibipimo ngenderwaho bingana cyangwa biri hejuru y'iby'u Rwanda kandi byemewe ku rwego mpuzamahanga.

Izo mbuto zigomba gukorerwa igenzura hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko. Iryo genzura ryishyurwa n'uwatumije imbuto mu mahanga.

Mu bihe bidasanzwe, bituma imbuto zibura mu gihugu, Minisitiri afite uburenganzira bwo kwemera ikoresha ry'imbuto zifite ibipimo biri munsi y'ibiteganywa n'amategeko.

**<u>Article 19:</u> Seed testing**

All seeds for which a certificate is sought are tested by a recognized seed laboratory.

A ministerial Order determines the criteria for recognizing a seed laboratory.

**<u>Article 20:</u> Seed quality standards**

The competent authority determines quality standards to be applied during seed inspection in farms, seed sampling and laboratory seed testing.

However, seeds that are not produced in Rwanda are allowed to be imported if they have been subjected to certification schemes that are of equal or higher standard than the certification scheme applied in Rwanda and which are internationally recognised.

Such seeds are inspected following the provisions of this Law. Expenses incurred on such inspection are borne by the seed importer.

In case of emergency resulting into seed shortage in the country, the Minister has the right to allow the use of seeds which have lower standards than those set up by the law.

**<u>Article 19:</u> Analyse des semences**

Toutes les semences nécessitant un certificat sont analysées dans un laboratoire de semences agréé.

Un arrêté ministériel détermine les critères pour l'agrément d'un laboratoire d'analyse des semences.

**<u>Article 20:</u> Normes de la qualité des semences**

L'autorité compétente détermine les normes de qualité de semences utilisées pendant l'inspection de semences aux champs, l'échantillonnage de semences et l'analyse au laboratoire.

Toutefois, l'importation des semences qui ne sont pas multipliées au Rwanda est permise lorsque le pays ayant certifié ces semences s'est basé sur des normes de qualité supérieures ou égales à celles utilisées au Rwanda et qui sont reconnues à l'échelle internationale.

L'inspection de ces semences se fait conformément aux dispositions de la présente loi. Cette inspection est effectuée à la charge de l'importateur.

En cas de situation d'urgence entrainant la pénurie de semences dans le pays, le Ministre a le droit d'autoriser l'utilisation des semences ayant les normes inférieures à celles prévues par la loi.

**<u>UMUTWE WA VI</u>: KURINDA UBWOKO BUSHYA BW'IGIHINGWA N'UBURENGANZIRA BW'UMUSHAKASHATSI UKORA UBWOKO BW'IGIHINGWA**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Kurinda ubwoko bushya bw'igihingwa**

**<u>Ingingo ya 21</u>: Ubwoko bw'igihingwa bukenera kurindwa**

Ubwoko bw'igihingwa bukenera kurindwa ni ubwoko bw'igihingwa bwose bushya bwasabiwe na nyirabwo kurindwa kandi bwujuje ibisabwa.

**<u>Ingingo ya 22:</u> Ibisabwa kugira ngo ubwoko bw'igihingwa burindwe**

Ubwoko bw'igihingwa bwemererwa kurindwa mu gihe ubwoko bwakozwe ari:

1° bushya;

2° ubudasa n'ubusanzwe;

3° ubufite imimerere imwe;

4° ubudahindagurika mu miterere.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Ibiranga ubushya bw'ubwoko bw'igihingwa**

Ubwoko bw'igihingwa bufatwa nk'ubushya mu gihe, kugeza ku itariki uburenganzira bw'umushakashatsi

**<u>CHAPTER VI:</u> PROTECTION OF A NEW PLANT VARIETY AND PLANT BREEDER'S RIGHTS**

**<u>Section One</u>: Protection of a new plant variety**

**<u>Article 21:</u> Plant variety to be protected**

Plant variety protection applies to any new variety which the plant breeder has applied for protection and which meets the required conditions.

**<u>Article 22:</u> Conditions of plant variety protection**

Plant variety protection is granted for a variety that is:

1° new;

2° distinct;

3° uniform;

4° stable.

**<u>Article 23:</u> Criteria of novelty of a plant variety**

A plant variety is deemed new where, on the date of filing the application for protection, seed, plant material or

**<u>CHAPITRE VI:</u> PROTECTION D'UNE NOUVELLE VARIETE VEGETALE ET DES DROITS D'OBTENTEUR**

**<u>Section première</u>: Protection d'une nouvelle variété végétale**

**<u>Article 21:</u> Variété végétale devant être protégée**

La protection de variété végétale s'applique à toute nouvelle variété végétale pour laquelle l'obtenteur a demandé la protection et remplissant les conditions requises.

**<u>Article 22:</u> Conditions de protection d'une variété végétale**

La protection d'une variété végétale est accordée lorsque la variété est:

1° nouvelle;

2° distincte;

3° uniforme;

4° stable.

**<u>Article 23:</u> Critères de nouveauté d'une variété végétale**

Une variété végétale est réputée nouvelle lorsque, à la date de dépôt de la demande de protection de droits d'obtenteur

wabukoze bwasabiweho, imbuto yabwo cyangwa igice cy'igihingwa gikoreshwa mu kubutubura cyangwa umusaruro ukomoka kuri ubwo bwoko bitaragurishwa cyangwa ngo bihabwe abandi.

Mu gihe byaba byarakozwe n'umushakashatsi wakoze ubwoko bw'igihingwa cyangwa uwo yabyemereye bigomba gukorwa ibihe bikurikira bitararangira:

1º Umwaka umwe mbere y'itariki y'ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi iyo byagurishijwe cyangwa byatanzwe kugira ngo bikoreshwe mu Rwanda;

2º imyaka ine (4) mbere y'itariki y'ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi iyo byagurishijwe cyangwa byatanzwe hanze y'u Rwanda;

3º imyaka itandatu (6) mbere y'itariki y'ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi iyo byagurishijwe cyangwa byatanzwe hanze y'u Rwanda ku bihingwa bitinda gutanga umusaruro wa mbere.

Ubwoko bw'igihingwa bufatwa kandi nk'ubushya mu gihe:

1° ubwoko bw'igihingwa bwagurishijwe cyangwa bugahabwa abandi hatubahirijwe uburenganzira bw'umushakashatsi wabukoze;

2° ubwoko bw'igihingwa bwatubuwe n'undi muntu abikora mu izina ry'umushakashatsi w'ubwoko

harvested material of the variety has not been sold or transferred to another person for propagation or production purposes.

If this has been done by the breeder or with his consent, the following periods must not have elapsed:

1° one year before the date of the application for the plant breeder's rights protection if the sale or disposal took place in Rwanda;

2° four years (4) before the date of the application for the plant breeder's rights protection if the sale or disposal took place outside Rwanda;

3° six years (6) before the date of the application for breeder's rights protection in case of a perennial plant variety which was sold or transferred for use outside Rwanda.

A plant variety is also deemed new where:

1° it was sold or disposed of contrary to the plant breeder's rights;

2° it was multiplied on behalf of the plant breeder and the resulting material remains the plant breeder's property;

de la variété, la semence, le matériel végétal ou le produit de récolte de la variété, n'a pas été vendu ou remis à des tiers à des fins d'exploitation.

Si cela est effectué par l'obtenteur ou sur son consentement, les périodes suivantes ne doivent pas être écoulées:

1° une année avant la date de demande de protection de droits d'obtenteur de variété végétale si la vente ou la cession a eu lieu au Rwanda;

2° quatre (4) ans avant la date de demande de protection de droits d'obtenteur pour la variété végétale si la vente ou la cession a eu lieu en dehors du Rwanda;

3° six (6) ans avant la date de demande de protection de droits d'obtenteur pour la variété végétale pérenne vendue ou cédée pour l'utilisation en dehors du Rwanda.

Une variété végétale est réputée nouvelle lorsque:

1° elle a été vendue ou cédée en violation de droits de l'obtenteur de variété végétale ;

2° elle a été multipliée au nom de l'obtenteur de variété végétale et le résultat reste toujours la propriété privée de l'obtenteur de variété végétale ;

bw'ibihingwa kandi umusaruro wabwo ukaguma ari umutungo bwite w'umushakashatsi;

3° ubwoko bwakoreshejwe n'undi muntu mu gukora igerageza muri laburatwari cyangwa mu murima habariwemo n'igerageza ry'itunganywa ryabwo ku rwego ruto.

Kuba ubwoko bw'igihingwa busabirwa uburenganzira bwo kurindwa bwarashyizwe ku rutonde rw'amoko y'ibihingwa yemewe mu Rwanda, ntibibuza kuba bwafatwa nk'ubushya.

Iyo gutubura ubwoko bw'igihingwa busabirwa kurindwa bisaba gukoresha inshuro nyinshi ubundi bwoko bw'igihingwa bumwe cyangwa bwinshi, kubugurisha, kubuha abandi ho imbuto cyangwa se igice cy'igihingwa gikoreshwa mu kubutubura cyangwa ikibusaruweho, ubwo bwoko bw'igihingwa ndetse n'ubw'ubwakoreshejwe butakaza ubushya.

Iteka rya Minisitiri rigena ibindi umwanditsi ashingiraho mu kwemeza no gusuzuma ko ubwoko busabirwa kurindawa ari bushya.

**<u>Ingingo ya 24:</u> Ibiranga ubudasa bw'ubwoko bw'igihingwa**

Ubwoko bw'igihingwa bufatwa nk'ubudasa iyo ku itariki bwasabiweho kurindwa bugaragara ko butandukanye mu mimerere no mu miterere yabwo n'ubundi bwoko bw'igihingwa bwose buzwi mu Gihugu cyangwa ahandi.

3° it was used by a third party in laboratory or field trials including small-scale processing.

Entering the plant variety under application for protection on the National plant variety list does not forfeit its novelty.

Where the production of a plant variety under application for protection requires the repeated use of one or more of other plant varieties, the sale or disposal to others of material for reproduction, propagation or the product of the harvest of the variety, the condition of novelty of the variety or of varieties used in such production no longer pertain.

A Ministerial Order determines other criteria used by the registrar to certify and evaluate the novelty of a variety under application for protection.

**<u>Article 24:</u> Criteria for distinctness for plant variety**

A plant variety is deemed to be distinct if it is clearly distinguishable, by reference to the expression of the characteristics that result from a particular genotype or combination of genotypes, from any other variety whose existence is a matter of common knowledge in the country or elsewhere on the date of application.

3° elle a été utilisée par une tierce personne dans un laboratoire ou sur un champ d'expérimentation y compris le conditionnement à petite échelle.

Le fait qu'une variété végétale faisant l'objet d'une demande de protection de droits est enregistrée sur le catalogue national de variétés végétales n'exclut pas sa nouveauté.

Lorsque la production d'une variété végétale faisant l'objet d'une demande de protection nécessite l'utilisation répétée d'une ou plusieurs autres variétés végétales, la vente ou la cession à des tiers de matériel pour la reproduction ou de la multiplication ou du produit de la récolte de la variété, les conditions de nouveauté de la variété ou de celle des variétés utilisées ne sont plus considérées.

Un arrêté ministériel détermine d'autres critères utilisés par le registraire pour homologuer et évaluer la nouveauté d'une variété faisant l'objet de la demande de protection.

**<u>Article 24:</u> Critère distinctif d'une variété végétale**

Une variété végétale est réputée distincte si elle se distingue nettement, de par l'expression des caractères qui résultent d'un génotype ou d'une combinaison de génotypes, de toute autre variété dont l'existence est notoirement connue au pays ou ailleurs à la date de la demande.

Ubwoko bufatwa nk'ubuzwi ni:

1º ubwoko bw'igihingwa bwasabiwe cyangwa bwemerewe kurindwa;

2º ubwoko bw'igihingwa bwashyizwe mu gitabo cy'amoko y'ibihingwa bwemewe mu Rwanda no mu bindi bihugu;

3º ubwoko bw'igihingwa bwatangiye gutuburwa cyangwa gucuruzwa;

4º ubwoko bw'igihingwa buri mu ikusanyirizo ry'amoko y'ibihingwa yemewe mu Rwanda no mu bindi bihugu abitswe mu rwego rwo kuyakoresha ubushakashatsi;

5º ubwoko bw'igihingwa bugaragazwa n'ikindi kimenyetso cyemewe n'amategeko**.**

**<u>Ingingo ya 25:</u> Ibiranga kugira imimerere imwe y'ubwoko bw'igihingwa**

Ubwoko bw'igihingwa bufatwa nk'ubufite imimerere yabwo mu gihe ibihingwa bigize ubwo bwoko bigaragaza imimerere imwe, uretse ihindagurika riri mu gipimo cyemewe bitewe n'uburyo bw'itubura bwakoreshejwe.

**<u>Ingingo ya 26:</u> Ibiranga kudahindagurika kw'imiterere**

Ubwoko bw'igihingwa bufatwa nk'ubudahinduka iyo imiterere yabwo igumye kuba imwe nyuma y'ituburwa risubiwemo kenshi cyangwa nyuma ya buri cyiciro cy'isarura ku bihingwa bitinda mu murima.

A variety deemed to be of common knowledge is:

1° a plant variety for which protection has been applied for or granted;

2° a plant variety entered on the national variety list or on the variety list of any other country;

3° a plant variety being produced or sold;

4° a plant variety entered in the database of plant varieties that are recognized in Rwanda or elsewhere for research purposes;

5° a plant variety bearing any other mark recognized by the law.

**<u>Article 25:</u> Criteria for uniformity of plant variety**

A plant variety is deemed uniform if, subject to the acceptable variation that may be expected from the particular features of its vegetative propagation, it is sufficiently uniform in the expression of those characteristics.

**<u>Article 26:</u> Criteria for stability**

A plant variety is deemed to be stable if the expression of its specific characteristics remains unchanged after repeated propagation or, in the case of a particular cycle of propagation, at the end of each such cycle for perennial plant varieties.

Une variété réputée connue est:

1° une variété végétale dont la protection est demandée ou accordée;

2° une variété végétale enregistrée au catalogue national de variété végétale ou à celui de tout autre pays;

3° une variété végétale dont la production ou la commercialisation a déjà commencé;

4° une variété végétale entrée dans la base de données de variétés végétales reconnues au Rwanda ou ailleurs pour des raisons de recherche;

5° une variété végétale portant toute autre marque reconnue par la loi.

**<u>Article 25:</u> Critères d'uniformité d'une variété végétale**

Une variété végétale est réputée uniforme si, sous réserve des variations acceptables susceptibles de résulter des particularités de sa multiplication végétative, elle est suffisamment uniforme dans l'expression de ces caractéristiques.

**<u>Article 26:</u> Critères de stabilité**

Une variété végétale est réputée stable si l'expression de ses caractéristiques spécifiques reste inchangée après des multiplications successives ou, dans le cas d'un cycle particulier de multiplication, à la fin de chaque cycle pour des variétés végétales pérennes.

**Icyiciro cya 2: Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa**

**Ingingo ya 27: Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa**

Uburengazira bw'umushakashati ukora ubwoko bw'igihingwa bwemewe n'amategeko.

Ubwo burengazira butuma nyirabwo acuruza, atubura cyangwa akwirakwiza ubwoko bw'igihingwa bwe cyangwa akagena undi muntu uwo ari we wese wabikora.

**Ingingo ya 28: Kwandika, gutanga no kurinda uburenganzira bw'abashakashatsi**

Kwandika, gutanga no kurinda uburenganzira bw'abashakashatsi bikorwa n'umwanditsi ukorera mu rwego rufite mu nshingano zarwo kurengera uburenganzira bw'abashakashatsi bakora amoko y'ibihingwa.

**Ingingo ya 29: Ububasha bw'umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa**

Umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa afite ububasha bukurikira:

1º kwemeza ko ubwoko bw'ibihingwa burinzwe;

2º kwanga kwemeza ko ubwoko bw'ibihingwa burinzwe;

3º kwambura icyemezo cy'uburenganzira umushakashatsi wari wagihawe;

**Section 2: Plant breeder's rights**

**Article 27: Plant breeder's rights**

The plant breeder's rights is recognized by the law.

This right entitles the plant breeder to sell, multiply or distribute his/her plant variety or to designate any other person to do so.

**Article 28: Registration, granting and protection of the plant breeder's rights**

The plant breeder's rights registration, granting and protection is performed by a registrar working in the organ in charge of protecting the plant breeder's rights.

**Article 29: Powers of the registrar of plant breeder's rights**

The registrar of plant breeder's rights has the following powers:

1° to approve the protection of a plant variety;

2° to reject the protection of a plant variety;

3° to withdraw the plant breeder's right certificate;

**Section 2: Droits d'obtenteur de variété végétale**

**Article 27: Droits d'obtenteur de variété végétale**

Le droit d'obtenteur de variété végétale est reconnu par la loi.

Ce droit permet à l'obtenteur de variété végétale de commercialiser, multiplier, distribuer sa variété végétale ou bien de désigner une autre personne pour le faire.

**Article 28: Enregistrer, octroyer et protéger les droits d'obtenteur de variété végétale**

L'enregistrement, l'octroi et la protection des droits d'obtenteur sont effectués par le registraire œuvrant dans l'organe chargé de la protection des droits d'obtenteur de variété végétale.

**Article 29: Pouvoirs du registraire des droits d'obtenteur de variété végétale**

Le registraire des droits d'obtenteur de variété végétale a les pouvoirs suivants:

1° approuver la protection d'une variété végétale;

2° rejeter la protection d'une variété végétale;

3° retirer le certificat de droit d'obtenteur de variété végétale;

4º gutesha agaciro uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa;

5º gukura ku rutonde ubwoko bw'igihingwa burinzwe.

Umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa ahabwa ububasha bw'ubugenzacyaha na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**<u>Ingingo ya 30:</u> Igitabo cyandikwamo uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

Igitabo cyandikwamo amakuru ajyanye n'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa gicungwa n'umwanditsi.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'ibyandikwa muri icyo gitabo

**<u>Ingingo ya 31:</u> Ikoreshwa ry'igitabo cyandikwamo uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'ibihingwa**

Igitabo cyandikwamo uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa gikoreshwa n'ubyifuza wese amaze kubiherwa uruhushya n'umwanditsi w'uburenganzira bw'abashakashatsi bakora amoko y'ibihingwa.

Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa mu guhabwa amakuru akubiye mu gitabo cyandikwamo uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa.

4° to nullify the plant breeder's right;

5° to remove from the list a protected plant variety.

The Minister in charge of justice confers upon the registrar of the plant breeder's rights the powers of judicial police officer.

**<u>Article 30:</u> Plant breeder's rights register**

The register in which all information related to the plant breeder's rights is recorded is maintained by the registrar.

A ministerial Order determines the format and content of such a register.

**<u>Article 31:</u> Access to the plant breeder's rights register**

The plant breeder's rights register is accessed by any interested person upon permission by the registrar of plant breeder's rights.

A Ministerial Order determines the conditions for having access to the information contained in the plant breeder's rights register.

4° annuler ou supprimer le droit d'obtenteur de variété végétale;

5° retirer de la liste une variété végétale protégée.

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions confère au registraire des droits d'obtenteur les pouvoirs d'officier de police judiciaire.

**<u>Article 30:</u> Registre dans lequel sont inscrits les droits d'obtenteur de variété végétale**

Le registre dans lequel sont enregistrés les renseignements liés aux droits d'obtenteur de variété végétale est gardé par le registraire.

Un arrêté ministériel détermine la forme et le contenu dudit registre.

**<u>Article 31:</u> Accès au registre de droits d'obtenteur de variété végétale**

Le registre de droits d'obtenteur de variété végétale est accessible à toute personne intéressée moyennant l'autorisation du registraire de droits d'obtenteur de variété végétale.

Un arrêté ministériel détermine les conditions d'accès aux renseignements contenus dans le registre de droits d'obtenteur de variété végétale.

**Ingingo ya 32: Umushakashatsi wemerewe gusaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa**

Umushakashatsi wemerewe gusaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa ni uwabukoze, yaba Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga.

Ashobora kubikora ubwe cyangwa bigakorwa n'undi wese yabihereye uburenganzira mu buryo bwemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 33: Uburyo gusaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa bikorwa**

Usaba ko ubwoko bw'igihingwa bwe burindwa, abikora mu nyandiko ishyikirizwa umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi.

Iteka rya Minisitiri rigena ibikubiye mu nyandiko isaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa.

Itariki ubusabe bwujuje ibisabwa bwakiriweho, niyo tariki yemewe ubusabe bushingiraho.

**Ingingo ya 34: Gukoresha itariki y'ubusabe bwa mbere**

Usaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa ku buryo bwemewe mu Rwanda akaba yari yarabisabye mu kindi gihugu bihuriye ku masezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bw'abashakashatsi bakora amoko y'ibihingwa, ashobora gusaba ko ubusabe bwe bushingira ku itariki yandikishije mu gihugu yasabiyemo bwa mbere.

**Article 32: Plant breeder's eligibility for plant variety protection**

Any Rwandan or foreign plant breeder is eligible to apply for plant variety protection for a variety he has bred.

The application for variety protection may be made by the plant breeder or by his/her appointed agent following the modalities recognized by relevant laws.

**Article 33: Modalities for application for plant variety protection**

A person applying for the plant variety protection does so in writing to the registrar of plant breeder's rights.

A ministerial Order determines the content of an application for plant variety protection.

The date of receipt of a complete application is considered as the filing date.

**Article 34: Use of prior date**

A person applying for the plant variety protection in Rwanda after applying for the same protection in another country which is signatory to an international convention related to plant breeder's right to which Rwanda is party may request that the date of his first application be taken as the date of application in Rwanda.

**Article 32: Conditions d'éligibilité d'obtenteur de variété végétale à la demande de protection de variété végétale**

Tout obtenteur de variété végétale rwandais ou étranger est éligible à la demande de protection de la variété végétale qu'il a développée.

La demande de protection de variété végétale est faite par l'obtenteur lui-même ou par son délégué et ce suivant les modalités reconnues par la loi.

**Article 33: Modalités de demande de protection d'une variété végétale**

Une personne qui introduit une demande de protection d'une variété végétale le fait par écrit et l'adresse au registraire de droits d'obtenteur de variété végétale.

Un arrêté ministériel détermine le contenu de la demande de protection de variétés végétales.

La date de réception de la demande complète est considérée comme la date officielle de la demande.

**Article 34: Utilisation de la date antérieure**

La personne qui introduit une demande de protection d'une variété végétale au Rwanda après avoir introduit la même demande dans un autre pays signataire d'une convention internationale sur le droit d'obtenteur de variété végétale peut demander que la date de demande dans ce pays soit considérée comme la date de demande au Rwanda.

Uburenganzira bwo gukoresha itariki y'ubusabe bwa mbere abuhabwa iyo atarengeje igihe cy'amezi cumi n'abiri (12) kibarwa uhereye ku busabe bwa mbere.

**<u>Ingingo ya 35:</u> Kurinda by'agateganyo ubwoko bw'igihingwa**

Hagati y'igihe cyo gutangaza ubusabe n'igihe cyo guhabwa uburenganzira bwa burundu, umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa ashobora gusaba kurindirwa by'agateganyo ubwoko bw'igihingwa yakoze.

Umushakashatsi wahawe uburenganzira bwa burundu ku bwoko bw'igihingwa yakoze, ashobora kwaka ingurane ikwiye ku muntu wese wakoresheje ubwoko bw'igihingwa bwe mu gihe cyose yari agifite uburenganzira bw'agateganyo.

**<u>Ingingo ya 36</u>: Gutangaza amakuru**

Nyuma yo gusuzuma ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'ibihingwa, umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa atangaza amakuru yerekeye:

1º ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa bwatanzwe;

2º amazina y'amoko y'ibihingwa birinzwe n'asabirwa kurindwa;

3º abasubiranye inyandiko zisaba guhabwa uburenganzira bw'umushakashatsi w'amoko y'ibihingwa;

The right to use prior date is only granted if the application is made within twelve (12) months of the prior application in the first country.

**<u>Article 35:</u> Provisional protection of plant variety**

During the period between the publication of the application and granting of definitive protection rights, the plant breeder may apply for being granted provisional protection for his/her plant variety.

The plant breeder with the definitive plant variety right may claim a fair consideration from any person who has used his/her plant variety throughout the period in which he/she was holding the provisional plant variety right.

**<u>Article 36:</u> Publication of information**

The registrar of the plant breeder's rights, after consideration of the application for the plant breeder's right, publishes information on the following:

1° the application for the grant of the plant breeder's right;

2° the denominations of protected plant varieties and those under application for protection;

3° the persons having withdrawn applications for the plant breeder's right;

Le droit d'utiliser la date antérieure n'est accordé que si la demande est introduite endéans douze mois (12) à compter de son introduction dans le pays de référence.

**<u>Article 35:</u> Protection provisoire d'une variété végétale**

Pendant la période se situant entre la date de publication de la demande de protection et l'octroi de droits de protection définitive, l'obtenteur peut introduire la demande de protection provisoire de sa variété végétale.

L'obtenteur de variété végétale ayant obtenu la protection définitive de sa variété végétale, peut réclamer une juste contrepartie à toute personne qui aura utilisé cette variété tout au long de la période pendant laquelle il détenait la protection provisoire.

**<u>Article 36:</u> Publication d'information**

Après examen de la demande des droits d'obtenteur de variété végétale, le registraire de droits d'obtenteur publie des informations sur:

1° la demande d'octroi d'un droit d'obtenteur de variété végétale;

2° les dénominations de variétés végétales protégées et celles faisant l'objet de la demande;

3° les personnes ayant retiré leurs demandes du droit d'obtenteur de variété végétale;

4º abangiwe guhabwa ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi w'amoko y'ibihingwa;

5º itangwa ry'icyemezo cy'uburenganzira bw'umushakashatsi w'amoko y'ibihingwa;

6º ihinduka ry'abafite aho bahuriye n'uburenganzira bw'umushakashatsi w'amoko y'ibihingwa;

7º gutesha agaciro, gusubiza, gusesa, kureka, gukoresha, gukurwaho no kurangira k'uburenganzira bw'umushakashatsi w'amoko y'ibihingwa.

Amakuru y'ibanga yashyizwe mu nyandiko isaba uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa ntiyemerewe gutangazwa nyirayo atabitangiye uruhushya rwanditse.

Ibyemezo byemerera, bitesha agaciro, bisesa n'ibyangira uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Ingingo ya 37: Gutambamira ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

Umuntu wese wifuza gutambamira ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa abikora iyo ubwo busabe bwatangajwe.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo itambamirwa rikorwa.

4° the persons whose applications for the grant of plant breeder's right were rejected;

5° the grant of the plant breeder's right certificate;

6° changes in the persons associated with the plant breeder's right;

7° nullification, surrender, cancellation, relinquishment, use, withdrawal and expiry of the plant breeder's right.

Confidential information contained in the application for the plant breeder's right is not published unless there is a written consent of the plant breeder.

Decisions made on granting, nullification, cancellation and rejection applications for plant breeder's rights are published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 37: Objection against application for the plant breeder's right**

Any interested person may object the application for the plant breeder's right after publication of the application.

A ministerial Order determines modalities for lodging an objection.

4° les personnes dont les demandes du droit d'obtenteur de variété végétale ont été rejetées;

5° l'octroi du certificat de droit d'obtenteur de variété végétale;

6° le changement de personnes liées au droit d'obtenteur de variété végétale;

7° l'annulation, reddition, révocation, renonciation, utilisation, retrait et déchéance du droit d'obtenteur de variété végétale.

Les informations confidentielles mentionnées dans la demande du droit d'obtenteur de variété végétale ne sont publiées que sur autorisation écrite de l'obtenteur de variété végétale.

Les décisions d'octroi, d'annulation, de révocation et de rejet des demandes de droits d'obtenteur de variété végétale sont publiées au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Article 37: Objection contre la demande du droit d'obtenteur de variété végétale**

Toute personne intéressée peut introduire une objection contre une demande du droit d'obtenteur de variété végétale après la publication de la demande.

Un arrêté ministériel détermine les modalités d'objection.

**<u>Ingingo ya 38:</u> Gusuzuma ubudasa, kugira imimerere imwe no kudahindagurika mu miterere by'ubwoko bw'igihingwa cyasabiwe kurindwa**

Ubwoko bw'igihingwa bwasabiwe kurindwa bugomba gukorerwa isuzumwa ry'ubudasa, iry'imimerere imwe n'iryo kudahindagurika mu miterere yabwo.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo isuzumwa rikorwa.

**<u>Ingingo ya 39:</u> Kwemererwa cyangwa kutemererwa uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

Iyo isuzuma rigaragaje ko ibisabwa byuzuye, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) umushakashatsi wakoze ubwoko bw'igihingwa amenyeshwa ko ubwoko bw'igihingwa bwe burinzwe kandi akabihererwa icyemezo.

Mu gihe ibisabwa bituzuye, Umwanditsi amenyesha mu nyandiko uwasabye ko ubwoko bw'igihingwa bwe burindwa ko atabyemerewe. Icyo gihe amumenyesha mu nyandiko impamvu atahawe icyemezo.

**<u>Ingingo ya 40:</u> Aho uburenganzira bw'umushakashatsi wakoze ubwoko bw'igihingwa bukoreshwa**

Ibikorwa byerekeye imbuto bikoreshwa mu gutubura ubwoko bw'igihingwa burinzwe bisabirwa uruhushya rw'umushakashatsi wakoze ubwoko bw'igihingwa iyo bigamije:

**<u>Article 38:</u> Test for distinctness, uniformity and stability of a variety under application for protection**

The candidate variety for protection is subject to the verification for distinctness, uniformity and stability.

A ministerial Order determines the testing modalities.

**<u>Article 39</u>: Granting or refusal of the plant breeders' right**

Where test reveals that the requirements are met, the breeder is informed, within thirty (30) days that a variety is protected and is given a certificate thereof.

Where the requirements are not met, the Registrar informs in writing the applicant of plant variety protection that application is not accepted. In that case, the Registrar informs him/her in writing about the reasons for not granting the certificate.

**<u>Article 40:</u> Scope of the plant breeder's right**

Seed-related actions in respect of propagation of the protected plant variety require the authorization of the plant breeder if they are meant for:

**<u>Article 38:</u> Test de distinction, d'uniformité et de stabilité d'une variété faisant l'objet de la demande de protection**

La variété candidate à la protection est soumise à la vérification de distinction, d'homogénéité et de stabilité.

Un arrêté ministériel détermine les modalités de test.

**<u>Article 39:</u> Accorder ou refuser le droit d'obtenteur de variété végétale**

Lorsque le test révèle que les conditions sont remplies, l'obtenteur est informé, endéans trente (30) jours, que la variété végétale est protégée et en reçoit le certificat.

Lorsque les conditions ne sont pas remplies, le Registraire notifie par écrit au requérant de la protection d'une variété végétale que sa demande n'a pas été acceptée. Dans ce cas, le Registraire l'informe par écrit des raisons de non octroi du certificat.

**<u>Article 40:</u> Champ d'application du droit d'obtenteur de variété végétale**

Les activités liées aux semences visant la multiplication de la variété végétale protégée doivent requérir l'autorisation de l'obtenteur de variété végétale si elles sont destinées:

1º guhinga cyangwa gutubura;

2º gutunganya bigamije gutubura;

3º kugurisha cyangwa ubundi buryo bwo kwamamaza;

4º kohereza mu mahanga;

5º kwinjiza mu gihugu;

6º guhunika hagamijwe gukora ibyavuzwe mu duce tubanziriza aka.

Uburenganzira bw'umushakashatsi bureba kandi:

1° umusaruro ukomoka ku bwoko bw'igihingwa burinzwe bwakoreshejwe nta ruhushya rwa nyirabwo;

2° Ibikomoka ku musaruro wabonetse ku bwoko bw'igihingwa burinzwe bwakoreshejwe nta ruhushya rwatanzwe;

3° ubundi bwoko bw'igihingwa butagaragaza itandukanirizo n'ubwoko bwe burinzwe;

4° ubwoko bw'igihingwa bukenera buri gihe ubwoko burinzwe kugira ngo bukorwe;

5° amoko y'ibihingwa akomoka muri rusange ku bwoko bw'igihingwa burinzwe kandi ubwo bwoko bw'igihingwa bukaba butagira ubundi bukomokaho.

1° production or propagation;

2° processing for the purpose of propagation;

3° offering for sale or any other marketing form;

4° exporting;

5° importing;

6° stocking for purposes mentioned under the previous items.

The plant breeder's rights also apply to:

1° the harvested material obtained from a protected plant variety used without the breeder's authorisation;

2° products made from harvested material obtained from a protected plant variety used without authorisation;

3° any other plant variety which is not clearly distinguishable from the protected variety;

4° a plant variety whose production requires repeated use of the protected variety;

5° plant varieties which are essentially derived from the protected variety, where the protected variety itself is not a derived variety.

1° à la production ou multiplication;

2° au conditionnement aux fins de la multiplication;

3° à la mise en vente ou à toute autre forme de commercialisation;

4° à l'exportation;

5° à l'importation;

6° au stockage à des fins susmentionnées aux points précédents.

Les droits d'obtenteur de variété végétale s'appliquent également:

1° au matériel récolté obtenu d'une variété végétale protégée utilisée sans autorisation de l'obtenteur;

2° aux produits fabriqués à partir du matériel récolté obtenu d'une variété végétale protégée utilisée sans autorisation;

3° à toute variété végétale qui ne se distingue pas nettement de sa variété protégée;

4° à une variété dont la production nécessite l'emploi répété de la variété protégée ;

5° aux variétés végétales qui sont essentiellement dérivées de la variété protégée, lorsque la variété protégée elle-même n'est pas une variété dérivée.

**Ingingo ya 41: Irengayobora ku burenganzira bw'Umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

Uburenganzira bw'umushakashatsi ntibureba umuhinzi muto ukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe cyangwa umusaruro ubukomokaho igihe bikorewe mu murima we hatagamijwe ubucuruzi.

Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa ntibureba ibi bikurikira:

1º ibikorwa bwite kandi bitagamije ubucuruzi;

2º ibikorwa bigamije igeragezwa;

3º ibikorwa bigamije gukora amoko mashya, uretse ibivugwa mu gace ka 5° k'ingingo ya 40 y'iri tegeko;

4º umuhinzi muto ukoresha ubwoko burinzwe cyangwa umusaruro ubukomokaho igihe bikorewe mu murima we hatagamijwe ubucuruzi.

**Ingingo ya 42: Aho uburenganzira bw'Umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa burangirira**

Uburenganzira bw'Umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa burangira igihe ibikorwa bivugwa mu ngingo ya 40 y'iri tegeko byakozwe na nyirabwo cyangwa uwo yabihereye uruhushya haba mu Rwanda cyangwa mu bihungu bihujwe n'amasezerano yo kurengera amoko y'ibihingwa

**Article 41: Exception to the plant breeder's right**

The plant breeder's right does not apply to small holder farmer who uses a protected variety or the product of the harvest on their own holding for non-commercial purposes.

The plant breeder's right does not apply to:

1° acts done privately and for non-commercial purposes;

2° acts done for experimental purposes;

3° acts done for the purpose of breeding new varieties, except for those referred to under item 5° of Article 40 of this Law;

4° small holder farmer in case he/she use any protected variety or the product of the harvest on his/her own holdings but for non-commercial purposes.

**Article 42: Exhaustion of the plant breeder's right**

The plant breeder's right is exhausted when actions referred to under Article 40 of this Law are either performed by the plant breeder or with the plant breeder's authorisation whether in Rwanda or in countries bound by the convention for the protection of plant varieties.

**Article 41: Exceptions au droit d'obtenteur de variété végétale**

Le droit d'obtenteur de variété végétale ne s'applique pas au petit exploitant agricole qui utilise une variété protégée ou le produit de sa récolte sur sa propre exploitation, à des fins non-commerciales.

Le droit d'obtenteur de variété végétale ne s'applique pas:

1° aux actes accomplis à titre privé et à des fins non-commerciales;

2° aux actes accomplis à titre expérimental;

3° aux actes accomplis aux fins de la production de nouvelles variétés excepté ceux visés au point 5° de l'article 40 de la présente loi;

4° au petit exploitant agricole lorsqu'il utilise dans sa propriété une variété protégée ou le produit de la récolte mais à des fins non-commerciales.

**Article 42: Epuisement du droit d'obtenteur de variété végétale**

Le droit d'obtenteur de variété végétale s'épuise lorsque les activités visées à l'article 40 de la présente loi sont faites par l'obtenteur de variété végétale ou avec son autorisation sur le territoire du Rwanda ou des pays liés par la convention de protection des variétés végétales.

Icyakora, iyo ibyo bikorwa bigamije kongera gutubura ubwo bwoko bw'igihingwa, kubwohereza hanze cyangwa, kuhohereza umusaruro ubukomokaho cyangwa ibikomoka kuri uwo musaruro, mu bihugu bitarengera amoko y'ibihingwa, uburenganzira bukomeza gukoreshwa keretse iyo byoherejwe hanze nta kindi bigamije uretse kuribwa.

However, when such actions involve further propagation of the variety or exportation of the propagating material, harvest or product of the harvest of the variety to countries that do not have plant variety protection, the plant breeder's right is not exhausted unless the exportation is meant for consumption.

Toutefois, lorsque ces activités impliquent d'autres multiplications de la variété ou l'exportation du matériel de multiplication, de la récolte ou du produit de la récolte de la variété, dans des pays qui ne protègent pas les variétés végétales, le droit d'obtenteur peut s'exercer, sauf si cette exportation est destinée à la consommation finale.

**<u>Ingingo ya 43:</u> Ibyabangamira ikoreshwa ry'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa**

Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa ntibushobora kubangamirwa.

Icyakora, Minisitiri ashobora guha uruhushya rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe umuntu wese usabye uruhushya rutegetswe, bitagombye gutangirwa uruhushya na nyir'ubwoko bw'igihingwa burinzwe, hashingiwe ku mpamvu z'inyungu rusange zerekeye:

1º imibereho y'abaturage;

2º umutekano w'Igihugu;

3º kubungabunga ibidukikije.

Icyo gihe, Umushakashatsi ukora ubwoko bw'ibihingwa ahabwa ikiguzi gikwiye.

Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho mu kwemerera uwasabye gukoresha ubwoko burinzwe. Rigena kandi ibishingirwaho mu kugena ikiguzi gikwiye.

**<u>Article 43:</u> Restrictions on the exercise of the plant breeder's right**

The plant breeder's right is not restricted.

However, the Minister may authorize any person, on application for a compulsory licence, to use a protected plant variety without the plant breeder's authorization for the following cases of public interest:

1° social welfare;

2° national security;

3° environment protection.

In that case, the plant breeder receives fair remuneration.

A ministerial Order determines requirements for authorizing an applicant to use a protected plant variety. It also determines requirements for defining fair remuneration.

**<u>Article 43</u>: Limitations de l'exercice du droit d'obtenteur de variété végétale**

L'exercice du droit d'obtenteur de variété végétale ne peut pas être limité.

Toutefois, le Ministre peut autoriser toute personne qui fait la demande d'une licence obligatoire, d'utiliser une variété végétale protégée sans autorisation de l'obtenteur, pour l'intérêt public dans les circonstances suivantes:

1° bien-être social;

2° sécurité nationale;

3° protection de l'environnement.

Dans ce cas, l'obtenteur de variété végétale reçoit une juste rémunération.

Un arrêté ministériel détermine les conditions requises pour autoriser un requérant d'utiliser une variété végétale protégée. Il détermine également les conditions pour fixer une juste rémunération.

**Ingingo ya 44: Igihe uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa bumara**

Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa bumara igihe cy'imyaka makumyabiri (20), ibarwa uhereye igihe bwatangiweho.

Icyakora, ku moko y'ibiti n'ibiti birandaranda kandi bitinda mu murima mbere yo gutanga umusaruro wa mbere, ubwo uburenganzira bumara imyaka makumyabiri n'itanu (25) ibarwa uhereye itariki bwatangiweho.

**Ingingo ya 45: Ibiranga izina rihabwa ubwoko bw'igihingwa**

Izina rihabwa ubwoko bw'igihingwa rigomba kuba:

1º rifite inkomoko ku zina ry'umwimerere rituma rimenyekana;

2º ritagizwe n'imibare gusa keretse iyo ari ko bisanzwe bikorwa mu kwita amoko y'igihingwa bitewe n'aho ubwo bwoko bw'igihingwa bukomoka;

3º ridatuma habaho kwibeshya cyangwa gutera urujijo ku biranga ubwoko bw'igihingwa;

4º rinyuranye n'irindi ryahawe ubwoko bwariho mbere bifite ubwoko bumwe bw'igihingwa cyangwa ubwoko bujya gusa na bwo mu Rwanda cyangwa mu bihugu bihuriye mu miryango

**Article 44: Duration of the plant breeder's right**

The plant breeder's right is granted for a period of twenty (20) years from the date of the granting of the plant breeder's right.

However, for trees and vines, such a period is of twenty-five (25) years from the date of the granting of the plant breeder's right.

**Article 45: Plant variety denomination**

A plant variety is designated by a denomination which:

1° is its generic designation and enables the variety to be identified;

2° may not consist solely of figures except where this is an established practice for designating varieties;

3° must not be liable to mislead or to cause confusion concerning the characteristics, value or identity of the variety;

4° must be different from every denomination which designates, in Rwanda and any member of an inter-governmental organization providing an effective system of plant variety protection, an existing

**Article 44: Durée du droit de l'obtenteur de variété végétale**

